<u>Ingingo ya 163:</u> Guhungabanya imigendekere myiza y'amatora	<u>Article 163:</u> Disrupting smooth conduct of elections	<u>Article 163:</u> Perturbation du bon déroulement des élections
<u>Ingingo ya 164:</u> Kwinjira ku ngufu mu cyumba cy'itora	<u>Article 164:</u> Forceful entry into a voting room	<u>Article 164:</u> Entrée par force dans une salle de vote
<u>Ingingo ya 165:</u> Kwitwara nabi k'uri mu nteko itora hagamijwe kwica itora	<u>Article 165:</u> Misconduct of a member of electoral college aimed at disrupting electoral operation	<u>Article 165:</u> Méconduite d'un membre du collège électoral en vue de perturber l'opération électorale
<u>Ingingo ya 166:</u> Kwiba agasanduku karimo amajwi y'itora n'izindi nyandiko zirebana n'amatora	<u>Article 166:</u> Stealing a ballot box with ballot papers and other election-related documents	<u>Article 166:</u> Vol d'urne contenant des suffrages et de tous autres documents relatifs aux élections
<u>Ingingo ya 167:</u> Kwica amatora bikoze n'abatoresha cyangwa abakozi bashinzwe kurinda impapuro z'itora	<u>Article 167:</u> Violation of electoral process by polling officers or those charged with safety of ballot papers	<u>Article 167:</u> Violation du scrutin par les agents chargés du scrutin ou les personnes chargées de la garde des bulletins de vote
<u>Ingingo ya 168:</u> Kwitwara nabi mu gikorwa cyo kwiyamamaza	<u>Article 168:</u> Misconduct in electoral campaign	<u>Article 168:</u> Méconduite pendant la campagne électorale
<u>Ingingo ya 169:</u> Guhindura ibyavuye mu matora, kwica ukuri kw'itora no kuburizamo ibikorwa by'itora	<u>Article 169:</u> Altering election results, violating the truth of elections and impeding voting operations	<u>Article 169:</u> Falsification des résultats du scrutin, violation de l'exactitude des élections et empêchement des opérations de vote
<u>Ingingo ya 170:</u> Kwamburwa uburenganzira bwo gutora	<u>Article 170:</u> Deprivation of the voting right	<u>Article 170:</u> Privation du droit de vote

**UMUTWE WA X: INGINGO
Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**CHAPTER X: TRANSITIONAL AND
FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS
TRANSITOIRES ET FINALES**

Ingingo ya 171: Amateka asanzwe akurikizwa

Article 171: Orders in force

Article 171: Arrêtés en vigueur

Ingingo ya 172: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri Tegeko Ngenga

Article 172: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

Article 172: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

Ingingo ya 173: Ivanwaho ry'Amategeko Ngenga n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga

Article 173: Repealing provision

Article 173: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 174: Igihe iri Tegeko Ngenga ritangira gukurikizwa

Article 174: Commencement

Article 174: Entrée en vigueur

ITEGEKO NGENGA N° 001/2019.OL RYO KU WA 29/07/2019 RIGENGA AMATORA	ORGANIC LAW N° 001/2019.OL OF 29/07/2019 GOVERNING ELECTIONS	LOI ORGANIQUE N° 001/2019.OL DU 29/07/2019 RÉGISSANT LES ÉLECTIONS
---	---	---

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE
DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO
NGENGA RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA
Y’U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND
ORDER IT BE PUBLISHED IN THE
OFFICIAL GAZETTE OF THE
REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR
SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT
PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE
LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo
ku wa 22 Nyakanga 2019;

The Chamber of Deputies, in its session of 22
July 2019;

La Chambre des Députés, en sa séance du 22
juillet 2019;

Sena, mu nama yayo yo ku wa 24
Nyakanga 2019;

The Senate, in its session of 24 July 2019;

Le Sénat, en sa séance du 24 juillet 2019 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu
2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya
mbere, iya 2, iya 10, iya 29, iya 64, iya 66,

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles One, 2, 10, 29, 64, 66, 69, 70, 85, 87,
88, 90, 91, 93, 95, 106, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement
en ses articles premier, 2, 10, 29, 64, 66, 69, 70,
85, 87, 88, 90, 91, 93, 95, 106, 120 et 176;

iya 69, iya 70, iya 85, iya 87, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 95, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2018.OL ryo ku wa 25/03/2018 rigenga amatora; Having reviewed Organic Law n° 001/2018.OL of 25/03/2018 relating to elections; Revu la Loi Organique n° 001/2018.OL du 25/03/2018 relative aux élections ;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 004/2018.OL ryo ku wa 21/06/2018 rigenga amatora; Having reviewed Organic Law n° 004/2018.OL of 21/06/2018 relating to elections; Revu la Loi Organique n° 004/2018.OL du 21/06/2018 relative aux élections ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri Tegeko Ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier: Objet de la présente Loi Organique

Iri Tegeko Ngenga rigena uburyo itora rya Perezida wa Repubulika, iry'abagize Inteko Ishinga Amategeko, iry'abayobozi b'Inzego z'ibanze, iry'abayobozi b'Inama z'Igihugu, irya Komite y'Abunzi n'irya referandumu rikorwa.

This Organic Law determines modalities for the conduct of Presidential, legislative, local, National Councils, *Abunzi* committee elections and referendum.

La présente Loi Organique détermine les modalités relatives aux élections présidentielles, législatives, locales, des Conseils Nationaux, du comité *Abunzi* et aux élections référendaires.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

Muri iri tegeko ngenga, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Organic Law, the terms below have the following meanings:

Dans la présente loi organique, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

- | | | |
|---|--|--|
| <p>1° Ambasade y'u Rwanda: ahantu hose hari mu ifasi y'Ambasade y'u Rwanda;</p> | <p>1° Embassy of Rwanda: any jurisdiction of the Rwandan diplomatic mission;</p> | <p>1° Ambassade du Rwanda : tout ressort de la mission diplomatique du Rwanda ;</p> |
| <p>2° Ambasaderi: uhagarariye u Rwanda mu gihugu cy'amahanga;</p> | <p>2° Ambassador: a representative of Rwanda to a foreign State;</p> | <p>2° Ambassadeur : un représentant du Rwanda auprès d'un État étranger ;</p> |
| <p>3° gutangaza ibyavuye mu itora: gushyira ahagaragara ibyavuye mu itora bikozwe n'urwego rubifitiye ububasha nyuma yo guhuriza hamwe ibyavuye mu itora byaturutse ku nzego zose itora ryabereyeho;</p> | <p>3° proclamation of electoral results: official announcement of election results done by a competent organ on the basis of electoral results consolidated from all the levels where elections are held;</p> | <p>3° proclamation des résultats du scrutin: annonce officielle des résultats des élections faite par l'organe compétent après consolidation des résultats des élections collectés à tous les niveaux où les élections se sont déroulées;</p> |
| <p>4° ibiro by'itora: inyubako igenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igizwe nibura n'icyumba cy'itora kimwe;</p> | <p>4° polling station: a building determined by the National Electoral Commission composed of at least one polling room;</p> | <p>4° bureau de vote: bâtiment déterminé par la Commission Nationale Électorale qui comprend au moins une salle de vote;</p> |
| <p>5° icyumba cy'itora: icyumba kigenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gitorerwamo n'abaturage bemerewe gutora kandi bari ku ilisiti y'itora;</p> | <p>5° polling room: a room determined by the National Electoral Commission where citizens eligible to vote and registered on the voters' register cast their votes;</p> | <p>5° salle de vote: salle déterminée par la Commission Nationale Électorale dans laquelle les citoyens admis à voter et inscrits sur la liste électorale procèdent au vote;</p> |
| <p>6° impfabusa: ijwi ry'utara rigaragazwa n'ibimenyetso bitandukanye n'ibyateganyijwe gukoreshwa mu itora cyangwa ritagira ikimenyetso;</p> | <p>6° invalid ballot paper: a vote that bears signs other than those specified for election or bearing no sign;</p> | <p>6° bulletin nul: vote d'un électeur comportant les signes autres que ceux prévus pour le vote ou ne comportant pas de signe;</p> |

7° ilisiti y'itora: inyandiko ikubiyemo umwirondoro w'abantu bemerewe gutora;	7° voters' register: a document containing the identification of the eligible voters;	7° liste électorale: registre comportant l'identification des personnes admises à voter;
8° indorerezi y'itora: Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga uba ari intumwa y'umuryango nyarwanda utari uwa Leta, ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta, Umuryango ushingiyeye ku myemerere, Urwego rwa Leta, Igihugu, umuryango mpuzamahanga cyangwa mvamahanga, wemererwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gukurikirana ibikorwa by'amatora;	8° electoral observer: a Rwandan or an expatriate who represents a Rwandan non-governmental organization, a Rwanda civil society platform, a religious-based organization, a country, a public institution, an international or foreign organization, accredited by the National Electoral Commission to follow up the electoral process;	8° observateur électoral: un Rwandais ou un expatrié qui représente une organisation nationale non-gouvernementale, une plateforme de la société civile du Rwanda, une organisation basée sur la religion, une institution publique, un pays, une organisation internationale ou étrangère, accrédité par la Commission Nationale Électorale pour suivre le déroulement du processus électoral;
9° inteko itora: itsinda ry'abantu bafite uburenganzira bwo gutora;	9° electoral college: group of people who have the right to vote;	9° collège électoral: groupe de personnes ayant le droit de voter;
10° inyangamugayo: Umunyarwanda wese:	10° person of integrity: any Rwandan:	10° personne intègre: tout Rwandais:
a. w'indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;	a. with an irreproachable in his or her behaviour and in his or her relationships with others;	a. irréprochable dans son comportement et dans ses relations avec les autres;
b. utarahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icy'ingengabitekerezo yayo;	b. who has not been convicted of the crime of genocide or genocide ideology;	b. n'ayant pas été reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;

c. utarahamwe n'icyaha cy'ivangura n'icy'amacakubiri;	c. who has not been convicted of the crime of discrimination and divisionism;	c. n'ayant pas été reconnu coupable du crime de discrimination et de divisionnisme;
d. utarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);	d. who has not been definitively sentenced to imprisonment for a term equal to or exceeding six (6) months;	d. n'ayant pas fait l'objet d'une condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
e. wahanaguweho ubusembwa mu gihe yaba yarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);	e. has been rehabilitated, in case he or she was sentenced to imprisonment for a term equal to or exceeding six (6) months;	e. ayant été réhabilité en cas de condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
f. utarirukanwe burundu mu bakozi ba Leta;	f. has not been dismissed from public service;	f. n'ayant pas été révoqué de la fonction publique;
g. utarahamwe n'icyaha cya ruswa, cyangwa icyaha cy'injyereza ry'umutungo rusange;	g. has not been convicted of corruption or embezzlement of public funds;	g. n'ayant pas été reconnu coupable de corruption ou de détournement des fonds publics;
11° itora: igikorwa gituma habaho guhitamo binyuze mu itora;	11° election: an act which permits a choice through a vote;	11° élection: acte qui permet de choisir par un vote;
12° itora ritaziguye: uburyo bwo gutora aho ufite uburenganzira bwo gutora wese yitorera ku giti cye;	12° direct election: a system of voting in which any eligible voter individually casts his or her vote;	12° suffrage direct: système par lequel toute personne ayant le droit de vote exprime son vote individuellement;
13° itora riziguye: uburyo bwo gutora aho abafite uburenganzira bwo gutora bahagararirwa na bamwe muri bo mu gikorwa cy'itora;	13° indirect election: a system in which eligible voters are represented by some of them in an election;	13° suffrage indirect: système par lequel les personnes ayant le droit de vote sont représentées par certaines d'entre elles à l'élection;

- | | | |
|---|--|--|
| 14° Komisiyo: Komisiyo y'Igihugu y'Amatora | 14° Commission: National Electoral Commission; | 14° commission : Commission Nationale Électorale ; |
| 15° komite itoresha: komite igizwe na Perezida w'ibiro by'itora n'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora ; | 15° polling committee: a committee composed of the chairperson of the polling station and coordinators of polling rooms; | 15° comité électoral: un comité composé du président du bureau de vote et des coordinateurs des salles de vote; |
| 16° kumenyekanisha ibyavuye mu itora: gushyira ahagaragara ibyavuye mu itora ku rwego itora riberaho bikoze n'abayoboye itora kuri urwo rwego; | 16° declaration of electoral results: communication of election results at the level where elections are held done by coordinators of elections at that level; | 16° déclaration des résultats du scrutin: communication des résultats du scrutin au niveau où les élections se déroulent faite par les coordinateurs des élections à ce niveau; |
| 17° kwiyamamaza: uburyo umukandida wigenga, umutwe wa politiki, cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki bimenyekanisha, bikanagaragaza gahunda y'ibikorwa kugira ngo bishobore gutorwa; | 17° electoral campaign: means by which an independent candidate, a political organisation or a coalition of political organisations make themselves known and present their program in order to be elected; | 17° campagne électorale: moyen par lequel un candidat indépendant, une formation politique ou une coalition de formations politiques se font connaître et présentent leur programme en vue de se faire élire; |
| 18° ubwihugiko: ahantu hagenwa mu cyumba cy'itora kugira ngo hafashe utora gutora mu ibanga; | 18° polling booth: a cabin installed in a polling room where a voter is able to cast his or her vote in secret; | 18° isoloir: cabine installée dans une salle de vote et qui permet à un électeur d'exprimer son vote secrètement; |
| 19° uhagarariye umukandida: Umunyarwanda wanditse ku ilisiti y'itora wahawe ububasha n'umukandida bwo gukurikirana ibikorwa by'itora mu izina rye; | 19° representative of a candidate: a Rwandan registered on voters' register accredited by a candidate to follow up the electoral process on his or her behalf; | 19° représentant d'un candidat: un Rwandais inscrit sur la liste électorale accrédité par un candidat à suivre le processus électoral en son nom ; |

- | | | |
|--|--|---|
| <p>20° umukandida: umuntu ku giti cye, umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byujuje ibisabwa bihiganwa binyuze mu itora;</p> | <p>20° candidate: an individual, a political organisation or a coalition of political organisations fulfilling prescribed requirements that compete in an election;</p> | <p>20° candidat: personne physique, formation politique ou coalition de formations politiques remplissant les conditions requises en compétition à l'élection ;</p> |
| <p>21° umuseseri: umuntu ushinze imirimo y'itora mu cyumba cy'itora;</p> | <p>21° assessor: a person in charge of electoral activities in a polling room;</p> | <p>21° assesseur: une personne chargée des activités électorales dans une salle de vote;</p> |
| <p>22° umutwe wa politiki: ihuriro ry'Abanyarwanda bahujwe n'ibitekerezo n'imyumvire imwe yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage bose n'amajyambere y'Igihugu bagamije kugera ku butegetsi mu nzira y'amahoro na demokarasi kugira ngo babashe kubishyira mu bikorwa;</p> | <p>22° political organization: a forum of Rwandans with common ideas and conviction to promote the social well-being of all citizens and the development of the country, with an objective of attaining power through peaceful and democratic means for them to be able to put such ideas and conviction into practice;</p> | <p>22° formation politique: organisation de Rwandais réunis par une communauté d'idées et de conviction commune, quant à la vision de promouvoir le bien-être social de tous les citoyens et le développement du pays, avec objectif d'accéder au pouvoir par des voies pacifiques et démocratiques pour pouvoir mettre en pratique ces idées et cette conviction;</p> |
| <p>23° utora: Umunyarwanda wese ufite uburenganzira bwo gutora.</p> | <p>23° voter: any Rwandan who has the right to vote.</p> | <p>23° électeur : tout Rwandais jouissant du droit de vote.</p> |

Ingingo ya 3: Urwego rushinzwe ibijyanye n'itora

Urwego rushinzwe ibijyanye n'itora ni Komisiyo.

Komisiyo ishinze gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko agenga igikorwa cy'itora kandi igatanga, igihe bibaye ngombwa, amabwiriza akenewe kugira ngo

Article 3: Organ in charge of elections

The organ in charge of elections is the Commission.

The Commission is responsible for ensuring the implementation of legal provisions governing the holding of elections and provides relevant instructions as necessary to ensure the

Article 3: Organe chargé des élections

L'organe chargé des élections est la Commission.

La Commission est responsable de la mise en application des dispositions légales régissant la tenue d'élections et fournir des instructions pertinentes nécessaires pour assurer le bon

ibikorwa by'amatora bigende neza hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenga.	smooth conduct of elections in accordance with the provisions of this Organic Law.	déroulement des élections en conformité avec les dispositions de la présente loi organique.
Mu kurangiza inshingano zayo, Komisiyo ishyiraho abakorerabushake b'amatora kuva ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali kugeza ku rwego rw'icyumba cy'itora.	In order for the Commission to discharge its functions, it appoints electoral volunteers from the provincial and City of Kigali level to the polling room level.	Pour s'acquitter de sa mission, la Commission affecte les volontaires électoraux depuis le niveau provincial et la Ville de Kigali jusqu'au niveau de la salle de vote.
Amabwiriza ya Komisiyo agena uburyo abo bakorerabushake b'itora bajyaho n'ibyo bagomba kuba bujuje.	The instructions of the Commission determine the procedure for the appointment of electoral volunteers and requirements they must fulfil.	Les instructions de la Commission déterminent les modalités d'affectation des volontaires électoraux et les conditions qu'ils doivent remplir.
<u>UMUTWE WA II: IMITEGURIRE N'IMIGENDEKERE Y'ITORA MURI RUSANGE</u>	<u>CHAPTER II: ORGANISATION AND CONDUCT OF ELECTION IN GENERAL</u>	<u>CHAPITRE II: ORGANISATION ET DÉROULEMENT DES ÉLECTIONS EN GÉNÉRAL</u>
<u>Icyiciro cya mbere: Ilisiti y'itora</u>	<u>Section One: Voters' register</u>	<u>Section première : Liste électorale</u>
<u>Ingingo ya 4: Inshingano yo kwiandikisha ku ilisiti y'itora</u>	<u>Article 4: Duty to register on the voters' register</u>	<u>Article 4: Devoir d'inscription sur la liste électorale</u>
Buri Munyarwanda wujuje ibyangombwa biteganywa n'iri tegeko ngenga, afite inshingano yo kwiandikisha ku ilisiti y'itora mbere y'uko igihe cyo kwiandikisha gisozwa.	Every Rwandan who fulfils the requirements provided under this Organic Law has a civic duty to register on a voters' register before the period for registration on the register is closed.	Tout Rwandais remplissant les conditions prévues par la présente loi organique a le devoir civique de se faire inscrire sur la liste électorale avant que la période d'inscription sur cette liste ne soit clôturée.
Nta wemerewe kwiandikisha ku ilisiti y'itora irenze imwe.	No person is allowed to register on more than one voters' register.	Nul ne peut être inscrit sur plus d'une liste électorale.

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kwiandikisha no kwikosoza ku ilisiti y'itora

Muri buri Mudugudu no muri buri Ambasade ya Repubulika y'u Rwanda haba hari ilisiti y'itora.

Abanyarwanda bari mu Gihugu n'ababa mu mahanga bashobora kujya kwiandikisha no kwikosoza ku ilisiti y'itora cyangwa bakabikora hifashishijwe ikoranabuhanga.

Amabwiriza ya Komisiyo akena imiterere y'ilisiti y'itora n'uburyo kwiandikisha bikorwa.

Ingingo ya 6: Uwemerewe kwiandikisha ku ilisiti y'itora n'ibyo agomba kwerekana

Uwemerewe kwiandikisha ku ilisiti y'itora y'Umudugudu cyangwa iy'Ambasade ni Umunyarwanda wese ufite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa uwaba ayujuje ku muni w'itora, utuye cyangwa ucumbitse muri uwo Mudugudu cyangwa mu bihugu biri mu ifasi y'iyi Ambasade.

Kugira ngo yandikwe ku ilisiti y'itora, agomba kwerekana ikarita ndangamuntu ye cyangwa ikindi cyangombwa cyerekana ko

Article 5: Modalities for registration and correction on the voters' register

In each Village and in each Embassy of the Republic of Rwanda, there is a voters' register.

Rwandans who reside in the Country and abroad may go for registration and update their details on the voters' register or use technology.

Instructions of the Commission determine the format of the voters' register and modalities for registration.

Article 6: Person eligible to register on the voters' register and documents he or she must show

A person allowed to register on the voters' register of a Village or of the Embassy is any Rwandan of at least eighteen (18) years of age or the one who will have attained it on the election day and who are domiciled or resides in that Village or in countries located in the territorial jurisdiction of that embassy.

In order for a person to register on the voters' register, he or she must show his or her national identity card or any other document issued by a

Article 5: Modalités d'inscription et de correction sur la liste électorale

Il est tenu une liste électorale dans chaque Village et chaque Ambassade de la République du Rwanda.

Les Rwandais vivant dans le pays et à l'étranger peuvent aller se faire inscrire et mettre à jour leur identification sur la liste électorale ou utiliser la technologie.

Les instructions de la Commission déterminent le modèle de la liste électorale et les modalités d'inscription.

Article 6: Personne admise à se faire enregistrer sur la liste électorale et les pièces qu'elle doit produire

Est autorisé à se faire enregistrer sur la liste électorale du Village ou de l'Ambassade, tout Rwandais ayant atteint au moins l'âge de dix-huit (18) ans ou qui l'aura atteint le jour du scrutin, domicilié ou résidant dans ce Village ou dans les pays du ressort de cette Ambassade.

Toute personne qui désire se faire inscrire sur la liste électorale est tenue de produire sa carte d'identité ou toute autre pièce délivrée par

ari Umunyarwanda cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.	competent authority which attests to his or her Rwandan nationality.	l'autorité compétente attestant qu'elle est de nationalité rwandaise.
Mu gihe cyo kwiandikisha, Umunyarwanda wese wujuje ibisabwa ashobora gukoresha ubundi buryo bugenwa n'amabwiriza ya Komisiyo.	Every Rwandan who fulfils the requirements may use other means in order to register on the voters' register in accordance with the instructions of the Commission.	Tout Rwandais remplissant les conditions exigées peut recourir à d'autres moyens pour se faire inscrire sur la liste électorale conformément aux instructions de la Commission.
<u>Ingingo ya 7:</u> Utemerewe kwiandikisha ku ilisiti y'itora	<u>Article 7:</u> Person prohibited from registering on the voters' register	<u>Article 7:</u> Personne non admise à se faire enregistrer sur la liste électorale
Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'iri tegeko ngenga, abantu bakurikira ntibemerewe kwiandikisha ku ilisiti y'itora:	Subject to the provisions of Article 6 of this Organic Law, the following persons are prohibited from registering on the voters' register:	Sous réserve des dispositions de l'article 6 de la présente loi organique, les personnes suivantes ne sont pas autorisées à se faire enregistrer sur la liste électorale :
1° uwambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba atarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi mu buryo buteganywa n'amategeko;	1° a person who has been deprived of his or her right to vote by competent courts and has not been rehabilitated or has not been granted amnesty in accordance with the Law;	1° une personne privée du droit de vote par les juridictions compétentes et n'ayant pas été réhabilitée ou graciée conformément à la loi;
2° uwahamwe n'icyaha cy'ubwicanyi cyangwa ubuhotozi;	2° a person convicted of manslaughter or murder;	2° une personne reconnue coupable du meurtre ou d'assassinat;
3° uwahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu;	3° a person convicted of the crime of genocide or crimes against humanity;	3° une personne reconnue coupable du crime de génocide ou des crimes contre l'humanité;

4° uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;	4° a person who has been convicted of defilement;	4° une personne reconnue coupable de viol sur mineur;
5° uwahamwe n'icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato;	5° a person who has been convicted of rape;	5° une personne reconnue coupable de viol;
6° umuntu ufunze;	6° a prisoner;	6° un détenu;
7° impunzi.	7° a refugee.	7° un réfugié.

Buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, Ubushinjacyaha Bukuru bushyikiriza Komisiyo urutonde rw'abahamijwe ku buryo budasubirwaho ibyaha bituma batemererwa kwiandikisha ku ilisiti y'itora.

Every year and whenever necessary, the National Public Prosecution Authority submits to the Commission the list of those persons definitively convicted of crimes preventing them from registering on the voters' register.

Chaque année et chaque fois que de besoin, l'Organe National de Poursuite Judiciaire transmet à la Commission la liste des personnes définitivement reconnues coupables des crimes les empêchant de se faire inscrire sur la liste électorale.

Ingingo ya 8: Umuntu wamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo kwiandikisha ku ilisiti y'itora

Article 8: Person temporarily disqualified from registering on the voters' register

Article 8: Personne frappée d'incapacité temporaire de se faire enregistrer sur la liste électorale

Umuntu wamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo kwiandikisha ku ilisiti y'itora ni:

The following persons are temporarily disqualified from registering on the voters' register:

Est temporairement frappée d'incapacité temporaire de se faire enregistrer sur la liste électorale:

1 ° ufunzwe by'agateganyo mu buryo buteganywa n'amategeko y'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;	1° a person in preventive detention in accordance with the provisions of the Code of Criminal Procedure;	1° une personne placée en détention préventive conformément aux dispositions du Code de Procédure Pénale;
2 ° ufunzwe mu rwego rw'irangizagihano;	2° a person in detention in the execution of a sentence;	2° une personne placée en détention en exécution d'une peine;

3° ufite cyangwa ugaragaje uburwayi bwo mu mutwe cyangwa uhungabanya umudendezo w'abaturage n'ahandikirwa lisiti y'itora. Iki gikorwa gikorerwa inyandikomvugo.

3° a person with or who shows the signs of mental illness or disrupts the tranquillity of the population and at the place of registration on voters' register. This act is recorded in a statement.

3° une personne souffrant ou manifestant des signes d'aliénation mentale ou qui perturbe la tranquillité de la population et du lieu d'inscription sur la liste électorale. Cet acte est consigné dans un procès-verbal.

Ingingo ya 9: Ushinzwe kwandika abantu ku ilisiti n'inshingano ze

Article 9: Agent responsible for registration on the voters' register and his or her duties

Article 9: Agent chargé de l'inscription des électeurs sur la liste électorale et ses attributions

Muri buri Mudugudu no muri buri Ambasade, kwandika ku ilisiti y'itora bikorwa n'abakorerabushake bagenwa na Komisiyo. Mu byo bashinzwe harimo ibi bikurikira:

In each Village and Embassy, registration on the voters' register is carried out by volunteers designated by the Commission. Their duties include the following:

Dans chaque Village et chaque Ambassade, l'inscription sur la liste électorale est assurée par les volontaires désignés par la Commission. Ils sont chargés notamment de ce qui suit :

1° gukurikirana ko kwiandikisha ku ilisiti y'itora bikurikiza amategeko;

1° to ensure that registration on the voters' register is done in accordance with the law;

1° s'assurer que les inscriptions sur la liste électorale se font conformément à la loi;

2° kubika ilisiti y'itora no gucunga umutekano w'ibikoresho hifashishijwe inzego z'ubuyobozi bw'aho icyo gikorwa kibera;

2° to keep in custody the voters' register and ensure security of materials in collaboration with administrative authorities of the area where such an activity is being conducted;

2° conserver la liste électorale et assurer la sécurité du matériel en collaboration avec les autorités du lieu de cette opération;

3° gukora raporo y'igikorwa cyo kwiandikisha ku ilisiti y'itora;

3° to prepare a report on the voters' registration process;

3° établir le rapport sur l'opération d'inscription sur la liste électorale;

4° gukora undi murimo wose bashinzwe n'ubuyobozi bw'amatora bubifitiye ububasha.

4° to perform such other task as may be assigned by competent electoral authority.

4° exécuter toute autre tâche qui peut être lui attribuée par l'autorité électorale compétente.

Ingingo ya 10: Igihe n'uburyo bwo kuvugurura ilisiti y'itora

Article 10: Period and modalities for updating the voters' register

Article 10: Période et modalités d'actualisation de la liste électorale

Mu kuvugurura ilisiti y'itora, hifashishwa amakuru ku myirondoro y'abaturage atangwa n'inzego za Leta zifite irangamimerere mu nshingano zazo n'izindi nzego zibifitiye ububasha.

Updating the voters' register is done based on civil registry information provided by public institutions in charge of civil registry and other competent organs.

L'actualisation de la liste électorale se fait sur base des données de l'état civil fournies par les institutions publiques ayant l'état civil dans leurs attributions et d'autres organes compétents.

Ilisiti y'itora mu matora ataziguye ihoraho. Ivugururwa nibura rimwe mu mwaka. icyakora, ilisiti y'itora ntivugururwa iyo hari itora rikoze hatarashira amezi abiri (2) irindi ribaye.

The voters' register for direct election is permanent. It is updated at least once a year. However, the voters' list shall not be updated if there is any election held in a period less than two (2) months from the preceding election.

La liste électorale pour les élections directes est permanente. Elle fait l'objet d'une actualisation au moins une fois par an. Toutefois, si l'élection intervient moins de deux (2) mois après la précédente élection, la liste n'est pas actualisée.

Mu itora riziguye, Komisiyo itegura ilisiti yihariye y'abagize inteko itora hashingiwe ku cyiciro cy'itora giteganyijwe.

In indirect election, the Commission prepares a particular list of electoral college based on the category of election organized.

Pour l'élection indirecte, la Commission prépare une liste particulière des personnes constituant le collège électoral selon la catégorie de vote organisée.

Mu itora riziguye cyangwa ritaziguye, Komisiyo ishyiraho amabwiriza yerekeye igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora n'uburyo bukoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'abagize inteko itora.

In indirect or direct election, the Commission determines instructions relating to the period for updating the voters' register and modalities for updating the register of electoral college members.

Pour l'élection indirecte ou directe, la Commission détermine les instructions relatives à la période d'actualisation de la liste électorale et les modalités d'actualisation de la liste des membres du collège électoral.

Ingingo ya 11: Uburenganzira bw'umukandida bwo gukurikirana kwiyaandikisha ku ilisiti y'itora no kuyivugurura

Umukandida wese wabyemerewe na Komisiyo, ashobora gushyiraho umuhagarariye kugira ngo amukurikiranire ko igikorwa cyo kwiyaandikisha ku ilisiti y'itora cyangwa kuyivugurura gikurikije amategeko.

Ingingo ya 12: Iyoherezwa ry'ilisiti y'itora y'agateganyo ku cyicaro cya Komisiyo n'imanikwa ryayo

Ilisiti y'itora imaze gukosorwa, yoherezwa ku cyicaro cya Komisiyo kugira ngo yemeze by'agateganyo.

Ilisiti y'itora yemejwe by'agateganyo imanikwa ahantu buri wese ashobora kuyibona hagenwa na Komisiyo kugira ngo abatora bagenzure ibi bikurikira:

1° ko ibyanditse ku ilisiti y'itora ari ukuri;

2° ko nta bishobora kuba byaribagiranye;

Article 11: Candidate's right to verify registration and update on the voters' register

Every candidate who is authorized by the Commission may appoint a representative to verify whether registration or update on the voters' register is being carried out in conformity with the Law.

Article 12: Transmission of provisional voters' register to the Commission headquarters and its display

The updated voters' register is submitted to the Commission headquarters for provisional approval.

The voters' register which is provisionally approved is displayed in public places designated by the Commission to enable the voters to verify the following:

1° whether what is written on the voters' register is correct;

2° whether there are possible omissions;

Article 11: Droit du candidat de vérifier les opérations d'inscription sur la liste électorale et de son actualisation

Chaque candidat qui est autorisé par la Commission, peut désigner son représentant pour vérifier que l'opération d'inscription sur la liste électorale ou de son actualisation est conforme à la loi.

Article 12: Transmission de la liste électorale provisoire au siège de la Commission et son affichage

La liste électorale actualisée est transmise au siège de la Commission pour approbation provisoire.

La liste électorale approuvée provisoirement est affichée dans des lieux d'accès public désignés par la Commission afin de permettre aux électeurs de vérifier les éléments suivants :

1° l'exactitude des informations reprises sur la liste électorale;

2° les omissions éventuelles;

3° ko nta wanditse ku ilisiti y'itora atabyemerewe n'amategeko.

3° whether there are possible persons illegally registered.

3° les personnes éventuelles enregistrées illégalement.

Ingingo ya 13: Igihe cyo gutangaza ilisiti y'itora y'agateganyo n'ilisiti ntakuka n'ikosorwa ryazo

Article 13: Period for publication of provisional and final voters' register and its correction

Article 13: Période de publication de la liste électorale provisoire et définitive et sa correction

Ilisiti y'itora y'agateganyo itangazwa mu minsi itari muni ya mirongo itatu (30) mbere y'umunsi w'itora.

The provisional voters' register is published at least thirty (30) days before the polling day.

La liste électorale provisoire est publiée au moins trente (30) jours avant la date du scrutin.

Amakosa yagaragaye nyuma y'itangazwa ry'ilisiti y'itora y'agateganyo, akosorwa n'ishami rya Komisiyo ku rwego rw'Akarere hubahirizwa amabwiriza ya Komisiyo.

Mistakes noticed after publication of a provisional voters' register are corrected by the branch of the Commission at the District level in accordance with the instructions issued by the Commission.

Les erreurs constatées après la publication de la liste électorale provisoire sont corrigées par la branche de la Commission au niveau du District conformément aux instructions de la Commission.

Ilisiti ntakuka itangazwa mu minsi itari muni ya cumi n'itanu (15) mbere y'umunsi w'itora hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo.

Final voters' register is published at least fifteen (15) days before the polling day in accordance with the instructions of the Commission.

La liste électorale définitive est publiée au moins quinze (15) jours avant la date du scrutin conformément aux instructions de la Commission.

Ingingo ya 14: Ivanwa ku ilisiti y'itora hagati yo gutangaza ilisiti y'agateganyo n'ilisiti ntakuka

Article 14: Removal from voters' register between the publication of the provisional voters' register and the publication of the final voters' register

Article 14: Rayage sur la liste électorale entre la publication de la liste électorale provisoire et celle de la liste électorale définitive

Iyo gukurwa ku ilisiti y'itora bibaye mu gihe kiri hagati yo gutangaza ilisiti y'agateganyo n'ilisiti y'itora ntakuka, uwambuwe uburenganzira avanwa ku ilisiti y'itora hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo.

Where the removal from the voters' register occurs between the period for publication of provisional voters' register and the publication of final voters' register, the person deprived of the voting right is removed from the voters'

Lorsque le rayage sur la liste électorale survient entre la publication de la liste électorale provisoire et celle de la liste électorale définitive, la personne privée du droit de vote est rayée de la liste électorale

register in accordance with the instructions of the Commission.

conformément aux instructions de la Commission.

Ingingo ya 15: Itangazwa ry'urutonde rw'abakuwe ku ilisiti y'itora

Article 15: Publication of the list of persons removed from the voters' register

Article 15: Publication de la liste des personnes rayées de la liste électorale

Urutonde rw'abantu bakuwe ku ilisiti y'itora hashingiwe ku mpamvu ziteganywa n'ingingo ya 7 y'iri tegeko ngenga rushyirwa ahagaragara mbere y'itangazwa ry'ilisiti ntakuka y'itora. Amabwiriza ya Komisiyo agena uburyo bikorwa.

A list of persons removed from the voters' register for reasons provided in Article 7 of this Organic Law is published before the publication of the final voters' register. The instructions of the Commission determine its implementation modalities.

La liste des personnes rayées de la liste électorale dans les conditions prévues à l'article 7 de la présente loi organique est publiée avant la publication de la liste électorale définitive. Les instructions de la Commission déterminent les modalités d'application.

Ingingo ya 16: Ibikwa ry'ilisiti y'itora n'uwemerewe kuyerekwa

Article 16: Archiving of the voters' register and person authorized to access it

Article 16 : Conservation de la liste électorale et personne autorisée à y avoir accès

Ilisiti y'itora ibikwa mu bubiko bw'inyandiko za Komisiyo. Kopi yayo yerekwa igihe icyo ari cyo cyose umukandida cyangwa undi wese ubyemerewe na Komisiyo.

A voters' register is kept in the archives of the Commission. Any candidate or any person authorized by the Commission may access a copy of the voters' register at any time.

La liste électorale est conservée dans les archives de la Commission. Elle peut être consultée à n'importe quel moment par tout candidat ou toute personne sous l'autorisation de la Commission.

Uburyo bwo kubika ilisiti y'itora, uwemerewe kwerekwa ilisiti y'itora n'uburyo bwo kuyerekwa bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo.

Modalities for archiving the voters' register, those who are allowed to access the voters' register and modalities for its access are determined by instructions of the Commission.

Les modalités de conservation de la liste électorale, ceux qui sont autorisés à la consulter et les procédures de son accessibilité sont déterminés par les instructions de la Commission.

Ingingo ya 17: Itangwa ry'ikibazo cyerekeranye n'iyandikwa ku ilisiti y'itora

Ikibazo cyerekeranye n'iyandikwa ku ilisiti y'itora gitangwa n'ubuyifuje wese. Icyakora, cyakirwa gusa iyo gitanzwe mbere y'itangazwa ry'ilisiti ntakuka.

Gutanga ikibazo bikorwa mu ibaruwa yandikirwa ishami rya Komisiyo ry'aho icyo kibazo cyagaragaye.

Ku rwego rwa Ambasade, ikibazo gishyikirizwa umuhuzabikorwa wa Komisiyo kugira ngo gikemurwe.

Ingingo ya 18: Uburyo ikibazo cyerekeye ilisiti y'itora gikemuka

Urwego rwa Komisiyo rwashyikirijwe ikibazo cyerekeye ilisiti y'itora rufata icyemezo bitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) icyo kibazo cyakiriwe. Inyandiko y'icyo cyemezo ihabwa uwo kireba bidatinze kandi ilisiti y'itora ihita ikosorwa igihe bibaye ngombwa, hakorwa irindi yandikwa ry'inyongera cyangwa ihanagurwa bitewe n'icyo icyemezo kivuga.

Iyo uwatanze ikibazo atanyuzwe n'umwanzuro yahawe, atakambira Urwego

Article 17: Lodging a complaint related to registration on voters' register

Any interested person lodges a complaint related to the registration on voters' register. However, the complaint is admissible only where it is lodged before the publication of the final voters' register.

A complaint is lodged through a letter addressed to the branch of the Commission in the area where such a complaint has arisen.

At the Embassy level, the complaint is forwarded to the coordinator of the Commission for its resolution.

Article 18: Modalities for resolution of the voters' register-related complaint

The branch of the Commission which receives a complaint related to the voters' register takes a decision within forty-eight (48) hours of receipt of the complaint. A copy of the decision is immediately issued to the concerned party and where necessary the voters' register is immediately corrected by supplementary registration or by cancellation depending on the content of the decision.

Where the complainant is not satisfied with the decision taken, he or she appeals to the

Article 17: Dépôt d'un recours relatif à l'inscription sur la liste électorale

Toute personne intéressée peut exercer le recours relatif à l'inscription sur la liste électorale. Toutefois, le recours n'est recevable qu'avant la publication de la liste électorale définitive.

Le recours est formulé au moyen d'une lettre adressée à la branche de la Commission du ressort duquel s'est produit le litige.

Le recours au niveau de l'Ambassade est adressé au coordinateur de la Commission pour sa résolution.

Article 18: Modalités de résolution de recours relatif à la liste électorale

La branche de la Commission saisie du recours relatif à la liste électorale statue dans les quarante-huit (48) heures suivant la saisine. Une copie de la décision est délivrée sans délai à la partie intéressée s'il est nécessaire, la liste électorale est immédiatement rectifiée par une inscription supplémentaire ou une suppression selon le libellé de la décision.

Si le requérant n'est pas satisfait de la décision, le recours est porté devant l'organe

rwa Komisiyo rukurikiraho mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) kuva amenyeshejwe uwo mwanzuro.	immediate superior organ of the Commission within twenty-four (24) hours after being informed of the decision.	immédiatement supérieur de la Commission dans un délai de vingt-quatre (24) heures à partir de la notification de la décision.
Ku rwego rwa Ambasade, iyo uwatanze ikibazo atanyuzwe n'umwanzuro w'umuhuzabikorwa wa Komisiyo, ashikiriza ikibazo cye Perezida wa Komisiyo.	At the Embassy level, if the complainant is not satisfied with the decision of the coordinator of the Commission, he or she refers the complaint to the Chairperson of the Commission.	À l'Ambassade, le requérant non satisfait de la décision du coordinateur de la Commission adresse son recours au Président de la Commission.
<u>Ingingo ya 19:</u> Urwego ruregerwa ikibazo cyerekeranye na lisiti y'itora	<u>Article 19:</u> Competent organ over appeals related to voters' register	<u>Article 19 :</u> Organe compétent pour connaître le recours relatif à la liste électorale
Ibyemezo byose byafashwe ku rwego rwa nyuma na Komisiyo bijyanye n'iyandika n'ikosora ry'ilisiti y'itora bishobora kuregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha.	All final decisions made by the Commission regarding registration and correction of the voters' register may be subject to an appeal before a competent court.	Toutes les décisions définitives de la Commission concernant l'inscription sur la liste électorale et sa correction peuvent faire l'objet de recours devant une juridiction compétente.
Icyakora, kuba icyo kirego cyashyikirijwe urukiko ntibihagarika imigendekere y'ibikorwa by'itora.	However, such an appeal referred to the court shall in no way entail the suspension of the normal progress of electoral process.	Toutefois, la saisine de la juridiction n'entraîne pas la suspension du déroulement normal du processus électoral.
<u>Ingingo ya 20:</u> Itangwa ry'inyandikomvugo zijyanye n'igikorwa cyo kwiandikisha ku ilisiti y'itora	<u>Article 20:</u> Transmission of the statement of voter registration process	<u>Article 20 :</u> Transmission des procès-verbaux d'une opération d'inscription sur la liste électorale
Nyuma yo gusozwa igikorwa cyo kwiandikisha ku ilisiti y'itora, umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Intara, Umujyi wa Kigali cyangwa wo ku	Upon the final closure of the voter registration process, the electoral coordinator at the Province, the City of Kigali or the Embassy level transmits a written statement on the voter	Dès la clôture définitive de l'inscription sur la liste électorale, le coordinateur des élections au niveau de la Province, de la Ville de Kigali ou de l'Ambassade transmet les procès-verbaux

rwego rwa Ambassade, yoherereza Perezida wa Komisiyo inyandikomvugo zijyanye n'igikorwa cyo kwiandikisha ku ilisiti y'itora mu gihe kigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo.

registration process to the chairperson of the Commission in a period determined by the instructions of the Commission.

d'inscription sur la liste électorale au président de la Commission dans un délai prévu par les instructions de la Commission.

Icyiciro cya 2: Gutanga kandidatire no kwiyamamaza

Section 2: Submission of candidacies and electoral campaign

Section 2: Dépôt des candidatures et campagne électorale

Ingingo ya 21: Uwemerewe gutorwa

Article 21: Eligible person

Article 21: Personne éligible

Umuntu wese ushaka gutorwa agomba kuba:

Any person wishing to be elected must:

Toute personne qui veut être élue doit:

1° yujuje imyaka iteganywa n'amategeko;

1° have attained the age provided by law;

1 ° avoir atteint l'âge prescrit par la loi;

2° inyangamugayo;

2° be a person of integrity;

2 ° être intègre;

3° yanditse ku ilisiti y'itora;

3° be on the voters' register;

3 ° être inscrite sur la liste électorale;

4° adafite inzitizi ziteganywa mu ngingo ya 7 n'ya 8 z'iri tegeko ngenga;

4° not be concerned with restrictions referred to in Articles 7 and 8 of this Organic Law;

4 ° ne pas être frappée de restrictions prévues aux articles 7 et 8 de la présente loi organique;

5° atarahamijwe n'inkiko icyaha cyerekeranye n'imitungo y'abazize cyangwa barokotse Jenocide yakorewe Abatutsi;

5° not be convicted of offences related to properties of victims or survivors of the Genocide against Tutsi;

5 ° ne pas avoir été reconnue coupable des infractions commises sur les biens des victimes ou des rescapés du génocide perpétré contre les Tutsis;

6° atarahamijwe n'inkiko icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenocide n'ibyaha bifatanye isano nayo;

6° not be convicted of the crime of genocide ideology and related offences;

6 ° ne pas avoir été reconnue coupable d'un crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes;

7° atarahamwe n'icyaha cy'ivangura no gukurura amacakubiri;	7° not be convicted of the crime of discrimination and sectarianism practices;	7 ° ne pas avoir été reconnue coupable d'un crime de discrimination et pratiques du sectarisme
8° atarashyizwe mu bwishingire bw'ubutabera;	8° not be placed under the protection of justice;	8 ° ne pas bénéficier d'une mesure de protection judiciaire;
9° adafite ubumuga bwo mu mutwe;	9° not be a mentally incapacitated person;	9 ° ne pas avoir une incapacité mentale;
| <p>4° iyo impapuro zose z'itora zimaze gusomwa, habarurwa amajwi buri mukandida cyangwa ilisiti y'abakandida babonye hashingiwe ku mpapuro zatoreweho neza, hakanabarurwa impapuro z'imfabusa. Abaseseri b'icyumba cy'itora bemeza ibyagaragajwe ku mpapuro zabaruriweho amajwi bazishyiraho umukono. Imikono y'ababaruye amajwi igomba kubanzirizwa n'amazina yose na numero y'ikarita ndangamuntu. Abahagarariye abakandida bahari bashobora na bo gushyira umukono ku mpapuro z'ibarura ry'amajwi. Iyo batazishyizeho umukono ntibitesha agaciro amajwi yabaruwe. Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura bikorwa ako kanya ibarura rirangiye;</p> | <p>4° when all the ballot papers have been read out, the votes obtained by each candidate or a list of candidates will be counted based on valid ballot papers as well as invalid ballot papers. Voting room assessors approve and sign tally sheets. Signatures of assessors must be preceded by their full names and the number of their identity cards. Representatives of candidates present may also sign on the tally sheets. Their failure to sign on the tally sheets does not invalidate the election results. The declaration of election results is done immediately after completion of vote counting;</p> | <p>4° lorsque tous les bulletins ont été lus, on fait le décompte des voix obtenues par chaque candidat ou liste de candidats sur base des bulletins de vote valides ainsi que le décompte des bulletins nuls. Les assesseurs du bureau de vote arrêtent et signent les feuilles de pointage. Les signatures des assesseurs doivent être précédées de leurs noms complets et des numéros de leurs cartes d'identité. Les représentants des candidats présents peuvent apposer également leurs signatures sur les feuilles de pointage. La non-apposition des signatures de ces représentants ne peut en aucun cas rendre invalides les résultats des élections. La déclaration des résultats est faite immédiatement après l'opération de dépouillement ;</p> |

- | | | |
|---|---|---|
| <p>5° abashinzwe itoresha mu cyumba cy'itora begeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi;</p> | <p>5° polling officers at the level of the polling room consolidate all results from vote counting;</p> | <p>5° les agents chargés du scrutin au niveau de la salle de vote rassemblent tous les résultats du dépouillement;</p> |
| <p>6° umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abandi bashinzwe itora mu cyumba cy'itora, bakora nta kubisubika, inyandikomvugo muri kopi ebyiri (2) z'ibyo bikorwa ku mpapuro zabigenewe, ikubiyemo ibi bikurikira:</p> | <p>6° the coordinator of the polling room and other polling officers in the polling room prepare, without postponement, two (2) copies of a statement on the conduct of elections on appropriate forms containing the following:</p> | <p>6° le coordinateur de la salle de vote et les autres agents chargés du scrutin dans la salle de vote dressent le procès-verbal des opérations de vote en deux (2) copies, sans ajournement, sur des formulaires prévus à cet effet, qui contiennent:</p> |
| <p>a. isaha y'itangizwa n'isozwa ry'itora, uko ibyangombwa bisabwa n'iri itegeko ngenga byubahirijwe n'ibibazo byagiye bivuka mu bikorwa by'itora iyo bihari;</p> | <p>a. the time of opening and closure of polls, the state of compliance with various formalities provided for by this Organic Law and incidents which occurred during the electoral process, if any;</p> | <p>a. l'heure d'ouverture et de clôture du scrutin, la conformité aux différentes formalités prévues par la présente loi organique et les incidents éventuels qui se sont produits au cours des opérations de vote, s'il y en a;</p> |
| <p>b. umukono w'abatoresha mu cyumba cy'itora, uw'abakandida cyangwa ababahagarariye, n'uw'abahagarariye amalisiti y'abakandida. Iyo abakandida, abahagarariye abakandida cyangwa amalisiti y'abakandida badashyize umukono ku nyandikomvugo ntibiyibuza kwemerwa. Abahagarariye abakandida cyangwa amalisiti y'abakandida bafite</p> | <p>b. the signature of the polling officers of the polling room, candidates or their representatives and of representatives of lists of candidates. When the candidates, the representatives of candidates or lists of candidates fail to sign on the statement, it does not constitute an element of its invalidation. Representatives of candidates or lists of candidates have the right to follow up the entire process of vote</p> | <p>b. la signature des agents chargés du scrutin et des candidats ou des listes de candidats ou de leurs représentants. Le défaut par les candidats, les représentants des candidats ou les listes de candidats d'apposer la signature au procès-verbal ne constitue pas un élément d'invalidation. Les représentants des candidats ou listes des candidats ont le droit de suivre toutes les opérations de</p> |

uburenganzira bwo kugenzura ibikorwa byose by'ibarura ry'amajwi ndetse no gusaba ko mu nyandikomvugo handikwamo ibyo bagenzuye, cyangwa ibyo batemeranyijweho;

counting as well as to request that any of their observations or contestation be recorded in the statement;

dépouillement des bulletins de vote et de demander l'inscription au procès-verbal de toute observation ou contestation ;

7° inyandikomvugo ihabwa umuhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Akarere igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:

7° the statement reserved for the coordinator of polling operations at the District level must contain the following:

7° le procès-verbal destiné au coordinateur des opérations de vote au niveau du District doit contenir les éléments suivants:

- a. umubare w'abari ku ilisiti y'itora bemerewe gutora;
- b. umubare w'abatoye;
- c. umubare w'abatoye mu cyumba cy'itora batari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba cy'itora;
- d. umubare w'impapuro z'itora bahawe;
- e. umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza n'iz'imfabusa;
- f. umubare w'impapuro z'ibirego, iyo bihari;

- a. the number of registered voters who are authorized to vote;
- b. the number of those having cast their votes;
- c. the number of voters who cast their votes not registered on the voters' register of that polling room;
- d. the number of ballot papers received;
- e. the number of valid and invalid ballot papers;
- f. the number of documents relating to complaints received, if any;

- a. le nombre d'électeurs enregistrés et autorisés à voter;
- b. le nombre d'électeurs ayant voté;
- c. le nombre d'électeurs ne figurant pas sur la liste électorale de cette salle de vote qui ont voté;
- d. le nombre de bulletins de vote reçus ;
- e. le nombre de bulletins de vote valides et bulletins de vote nuls;
- f. le nombre de feuilles de réclamation, s'il y en a;

g. umubare w'impapuro zabaruriweho amajwi;

g. the number of tally sheets;

g. le nombre de feuilles de pointage;

h. umubare w'impapuro z'itora zitakoreshejwe;

h. the number of unused ballot papers;

h. le nombre de bulletins de vote non-utilisés;

8° Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ategura inyandikomvugo muri kopi ebyiri (2), imwe ishyirwa mu ibahasha akayifunga igashyirwa mu gasanduku k'itora k'icyumba cy'itora hamwe n'impapuro zatoreweho neza, izitatoreweho n'imfabusa, akabishyikiriza Perezida w'ibiro by'itora. Iyindi nyandikomvugo Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ayishyikiriza Perezida w'ibiro by'itora.

8° the coordinator of the polling room prepares two (2) copies of the statement, including one which is put in an envelope sealed and put in a ballot box of the polling room together with valid, unused and invalid ballot papers and gives them to the chairperson of the polling station. The coordinator of the polling room submits another copy of the statement to the chairperson of the polling station.

8° le coordinateur de la salle de vote prépare le procès-verbal en deux (2) copies dont l'une est mise dans une enveloppe scellée et cette enveloppe ainsi que les bulletins de vote valides, non utilisés et nuls sont mis dans l'urne de cette salle de vote et le coordinateur les transmet au président du bureau de vote. Le coordinateur de la salle de vote transmet l'autre copie du procès-verbal au président du bureau de vote.

Perezida w'ibiro by'itora ahuriza hamwe ibyavuye mu itora yifashishije inyandikomvugo zavuye mu byumba by'itora akabikorera inyandikomvugo, akayishyira mu ibahasha, akayifunga, akayiteraho kashe mu ruhamwe. Iyo nyandikomvugo yohererezwa umuhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Akarere abinyujije ku muhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Umurenge.

The chairperson of the polling station collects all the election results by means of statements from polling rooms, makes a statement thereof, puts it in an envelope sealed and stamped before the public. The statement is sent to the coordinator of voting operations at the District level through the coordinator of voting operations at the Sector level.

Le président du bureau de vote consolide les résultats au moyen des procès-verbaux en provenance des salles de vote, rédige un procès-verbal y relatif qu'il met dans une enveloppe scellée et cachetée en public. Ce procès-verbal est transmis au coordinateur des opérations de vote au niveau du District à travers le coordinateur des opérations de vote au niveau du Secteur.

Ingingo ya 53: Ibiranga urupapuro rw'itora rufatwa nk'imfabusa

Urupapuro rw'itora ruba imfabusa iyo:

- 1° rudahuje n'ibiteganywa n'iri tegeko ngenga cyangwa amabwiriza ya Komisiyo;
- 2° ruriho ibimenyetso binyuranye n'ibyateganyijwe gukoreshwa;
- 3° rutagaragaza bihagije umukandida watowe cyangwa uwatoye akaba yimenyekanishije kuri urwo rupapuro;
- 4° rwashyizwe mu gasanduku ariko rutatoreweho;
- 5° rwanditseho ibindi bintu.

Impapuro z'imfabusa ntizifatwa nk'amajwi yatanze kandi ntizitabwaho mu ijanisha ry'amajwi umukandida yabonye.

Ingingo ya 54: Uburyo ibyavuye mu itora bihurizwa hamwe

Kuri buri rwego umuhuzabikorwa w'itora ahuriza hamwe ibyavuye mu itora

Article 53: Characteristics of an invalid ballot paper

A ballot paper is invalid if:

- 1° it is not in compliance with the provisions of this Organic Law or the instructions of the Commission;
- 2° it bears signs other than those planned to be used;
- 3° it does not clearly indicate the elected candidate or the voter has disclosed his or her identity on the ballot paper;
- 4° it is returned in the ballot box without indicating any choice of candidate;
- 5° it bears additions.

Invalid ballot papers are not considered as votes cast and are not considered in the calculation of the percentage of votes obtained by a candidate.

Article 54: Consolidation of election results

At each level of consolidation of results, the coordinator of elections at that level

Article 53: Caractéristiques du bulletin de vote nul

Le bulletin de vote est nul lorsque :

- 1° il n'est pas conforme à la présente loi organique ou aux instructions de la Commission;
- 2° il porte les signes autres que ceux prévus pour le vote;
- 3° il ne fait pas ressortir clairement le candidat élu ou sur lequel l'électeur s'est fait connaître;
- 4° il est remis dans l'urne sans aucune expression du vote;
- 5° il porte des surcharges.

Les bulletins de vote nuls ne sont pas des suffrages exprimés et ne sont pas pris en considération dans le calcul du pourcentage des voix obtenues par un candidat.

Article 54: Consolidation des résultats des élections

À chaque niveau de consolidation des résultats, le coordonnateur des élections consolide les

akabimenyesha indorerezi z'itora, abahagarariye abakandida, abanyamakuru n'abaturage iyo bahari.	consolidates the electoral results and communicates them to election observers, journalists and members of the population, if any.	résultats et les communique aux observateurs électoraux, aux journalistes et à la population s'elle est présente.
Guhuriza hamwe ibyavuye mu itora ku nzego z'imitegekere y'Igihugu zitandukanye bikorwa hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo.	The consolidation of results at different administrative entities of the Country is conducted in accordance with instructions of the Commission.	La consolidation de résultats aux différents échelons administratifs du pays est effectuée conformément aux instructions de la Commission.
Inyandiko ihurizwaho ibyavuye mu itora, imanikwa aho icyo gikorwa cyabereye. Imiterere y'iyi nyandiko n'aho imanikwa bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo.	Electoral results consolidation documents are displayed where elections take place. The format of such documents and the location where they are displayed is determined by instructions of the Commission.	Les fiches des résultats consolidés sont affichées dans les lieux de vote. Le modèle de ces fiches et le lieu de leur affichage sont déterminés par les instructions de la Commission.
Perezida wa Komisiyo ni we uhuriza hamwe ku rwego rw'Igihugu ibyavuye mu itora hashingiwe ku nyandiko zahurijweho amajwi.	The chairperson of the Commission carries out the consolidation of election results at the national level on the basis of consolidated electoral documents.	La consolidation des résultats au niveau national est faite par le Président de la Commission sur base des fiches des résultats consolidés.
<u>Ingingo ya 55: Ikusanywa n'ibikwa ry'impapuro z'itora</u>	<u>Article 55: Collection and conservation of ballot papers</u>	<u>Article 55: Collecte et conservation des bulletins de vote</u>
Hashingiwe ku mabwiriza ya Komisiyo, impapuro z'itora zakoreshejwe mu gihe cy'itora, zikusanyirizwa hamwe kandi zikabikwa n'umuhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Akarere kugeza igihe ibyavuye mu itora bitangarijwe burundu.	In conformity with the instructions of the Commission, ballot papers used during election are collected and kept by the coordinator of electoral operations at the District level until the proclamation of final electoral results.	Conformément aux instructions de la Commission, les bulletins de vote utilisés pendant l'élection sont rassemblés et conservés par le coordinateur des opérations électorales au niveau de District jusqu'à la proclamation des résultats définitifs des élections.

Ingingo ya 56: Gutsinda itora k'umukandida umwe rukumbi

Mu gihe hari umukandida umwe (1) rukumbi mu itora, uwo mukandida atsinda itora ari uko atowe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abatoye neza.

Igihe umukandida atatowe, hakoreshwa irindi tora mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90), hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenga.

Iyo mu itora rikurikira umukandida yongeye kuba umwe rukumbi, atsinda itora ku majwi yabonye uko angana kose.

Ingingo ya 57: Itangira rya manda ku batowe

Manda ya Perezida wa Repubulika itangira ku munsu yarahiriyeho hakurikijwe ingingo ya 102 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015.

Manda y'abatowe ku nzego zose ziteganywa n'iri tegeko ngenga itangira ku munsu barahiriyeho indahiro iteganyijwe mu ngingo ya 63 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015.

Article 56: Winning of election in a case of a single candidate

When there is only one (1) candidate in election, he or she is considered to have won elections if he or she obtains absolute majority of valid votes cast.

When a candidate is not elected, a new election is organized within ninety (90) days in accordance with the provisions of this Organic Law.

When there is again a single candidate in that election, he or she wins the election with whatever votes he or she may obtain.

Article 57: Commencement of the term of office for elected candidates

The term of office of the President of the Republic commences on the day he or she takes the oath of office in accordance with Article 102 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015.

The term of office of elected candidates at all levels provided for in this Organic Law commences on the day the elected candidate takes an oath of office provided for in Article 63 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015.

Article 56: Remporter les élections dans le cas d'un candidat unique

Lorsqu'il y a un (1) candidat unique dans l'élection, il remporte l'élection lorsqu'il recueille la majorité absolue des suffrages valides exprimés.

Lorsque le candidat n'a pas été élu, il est procédé à une autre élection dans un délai de quatre-vingt-dix (90) jours conformément aux dispositions de la présente loi organique.

Lorsqu'il y a de nouveau un candidat unique, il remporte des élections quel que soit le nombre des voix obtenues.

Article 57: Début du mandat pour les candidats élus

Le mandat du Président de la République commence le jour de sa prestation de serment conformément à l'article 102 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.

Le mandat des candidats élus à tous les niveaux prévus par la présente loi organique prend effet, pour chaque candidat, à partir du jour de prestation de serment prévu par l'article 63 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.

UMUTWE WA III: ITORA RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'IRY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

CHAPTER III: PRESIDENTIAL AND LEGISLATIVE ELECTIONS

CHAPITRE III: ÉLECTIONS PRÉSIDENTIELLES ET LÉGISLATIVES

Icyiciro cya mbere: Ingingo zihuriweho

Section One: Common provisions

Section première: Dispositions communes

Ingingo ya 58: Igenwa ry'umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza

Article 58: Determination of polling date and the period for electoral campaign

Article 58: Détermination du jour du scrutin et de la période de la campagne électorale

Umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza bigenwa n'iteka rya Perezida. Igihe cyo kwiyamamaza ntikigomba kuba munsi y'iminsi makumyabiri (20).

The polling date and period for electoral campaign are determined by a Presidential Order. The period for electoral campaign must not be less than twenty (20) days.

Le jour du scrutin et la période de la campagne électorale sont fixés par arrêté présidentiel. La période de la campagne électorale ne doit pas être inférieure à vingt (20) jours.

Ingingo ya 59: Ikimenyetso n'inyuguti bibujijwe gukoreshwa

Article 59: Prohibited acronym or logo

Article 59: Sigle et logo interdits

Umukandida wigenga, umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki ntibishobora gukoresha inyuguti cyangwa ikimenyetso cyatoranyijwe n'undi mukandida cyangwa cyakurura amacakubiri cyangwa cyatera urujijo.

In no way shall an independent candidate, a political organisation or a coalition of political organisations use an acronym or a logo already chosen by another candidate or likely to sow divisionism or confusion.

Un candidat indépendant, une formation politique ou une coalition de formations politiques ne peuvent pas utiliser un sigle ou un logo déjà choisi par un autre candidat ou pouvant semer le divisionnisme ou la confusion.

Iyo hari abakandida benshi, imitwe ya politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki bahisemo inyuguti cyangwa ikimenyetso kimwe, Komisiyo ifata icyemezo ntakuka ko gikoreshwa n'umutwe wa politiki, ishyirahamwe ry'imitwe ya

Where several candidates, political organisations or coalition of political organisations adopt the same acronym or logo, the Commission makes a non-appealable decision by giving the priority of use to the political organisation, coalition of political

Si plusieurs candidats, formations politiques ou coalition de formations politiques adoptent le même sigle ou logo, la Commission prend une décision qui n'est pas susceptible d'appel accordant la priorité d'usage à la formation politique, à la coalition de formations

politiki cyangwa umukandida wigenga watanze kandidature mbere.	organisations or the independent candidate that was the first to submit the candidacy.	politiques ou au candidat indépendant ayant déposé le premier la candidature.
Birabujijwe gukoresha inyuguti cyangwa ikimenyetso cyari cyarakoreshejwe mu yandi matora n'undi mukandida, undi mutwe wa politiki cyangwa irindi shyirahamwe ry'imitwe ya politiki.	It is prohibited to use an acronym or a logo that had been used in other elections by another candidate, political organisation or coalition of political organisations.	Il est interdit d'utiliser un sigle ou un logo qui avait été utilisé pendant d'autres élections par un autre candidat, une autre formation politique ou une autre coalition de formations politiques.
Birabujijwe kandi guhitamo ikimenyetso kigizwe n'urwunge rw'amabara agize ibendera ry'Igihugu.	It is also prohibited to choose a logo comprising of a combination of the colours of the national flag.	Il est également interdit de choisir un logo comportant une combinaison des couleurs du drapeau national.
<u>Ingingo ya 60:</u> Igihe kigenerwa umukandida mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka ngo asubire muri dosiye ye iyo ituzuye	<u>Article 60:</u> Time limit for a candidate to review his or her dossier before the announcement of final list in case his or her dossier is incomplete	<u>Article 60:</u> Délai accordé au candidat avant la publication de la liste définitive afin de revoir son dossier lorsque ce dernier est incomplet
Mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka y'abakandida, umukandida utemerewe na Komisiyo amenyeshwa mu nyandiko ibibura muri dosiye ye, agahabwa umwanya wo kubyuzuzza.	Before publication of the final list of candidates, a candidate disqualified by the Commission is informed in writing of the documents that are missing in his or her dossier and granted more time to complete his or her dossier.	Avant la publication de la liste définitive des candidats, le candidat disqualifié par la Commission est informé par écrit des pièces qui manquent à son dossier et se voit accorder du temps pour compléter son dossier.
Ibyo bikorwa mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi nyuma yo gutangaza ilisiti y'agateganyo y'abakandida na mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka.	This is done within five (5) working days of publication of the provisional list of candidates and before publication of the final list.	Cela se fait dans les cinq (5) jours ouvrables suivant la publication de la liste provisoire des candidats et avant la publication de la liste définitive.

Komisiyo yemeza kandi igatangaza ilisiti ntakuka y'abakandida hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko kwiyamamaza bitangira.

The Commission approves and announces the final list of candidates at least seven (7) days before commencement of electoral campaign.

La Commission arrête et publie la liste définitive des candidats sept (7) jours au moins avant le début de la campagne électorale.

Ingingo ya 61: Imenyeshya ry'ahakorerwa igikorwa cyo kwiyamamaza

Article 61: Notification of the venue where electoral campaign is held

Article 61: Notification du lieu de la tenue de la campagne électorale

Umukandida cyangwa uhagarariye umukandida amenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Akarere kabereho igikorwa cyo kwiyamamaza igihe n'aho icyo gikorwa kizakorerwa, hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24), akagera kopi umuhuzabikorwa w'itoro ku rwego rw'Akarere. Iyo nyandiko itangwa mu masaha y'akazi igatangirwa icyemezo cy'iyakira.

A candidate or his or her representative notifies, in writing, the authorities of the District where the campaign is intended to be held, the time and venue of the campaign at least twenty-four (24) hours before and a copy is provided to the District electoral coordinator. The notification is submitted during working hours and a receipt of acknowledgement is issued.

Un candidat ou son représentant envoie aux autorités de district dans lequel la campagne doit se tenir, une notification écrite indiquant l'heure et le lieu de la campagne électorale et réserve copie au coordinateur des élections au niveau du District au moins vingt-quatre (24) heures avant la tenue de la campagne. Cette notification est délivrée pendant les heures ouvrables et contre accusé de réception.

Ingingo ya 62: Uburyo bwo gukemura impaka iyo habayeho kugongana kw'ibikorwa byo kwiyamamaza

Article 62: Modalities for resolving disputes in case of simultaneous campaign operations

Article 62: Modalités de résolution des litiges en cas d'opérations de campagnes simultanées

Mu itora ritaziguye, nta bikorwa byo kwiyamamaza bibiri cyangwa birenga bishobora kubera icya rimwe mu Kagari kamwe ko mu mirengi igize Umujyi wa Kigali cyangwa mu Murenge umwe mu Karere ko mu Ntara.

For direct elections, two or more campaign operations cannot be held simultaneously in one of the Cells of the Sectors of the City of Kigali or in one of the Sectors of any District of a Province.

Lors des élections directes, il ne peut être tenu simultanément deux ou plusieurs opérations de campagne électorale dans une même Cellule des Secteurs de la Ville de Kigali ou dans un même Secteur du District d'une Province.

Iyo hamenyekanishijwe ibikorwa bibiri cyangwa birenze, uwamenyekanishije mbere

Where two or several campaign operations have been notified, the first applicant takes

En cas de notification de deux ou plusieurs opérations de campagne, la priorité est

ni we wemererwa. Icyakora, iyo uwamenyesheje mbere yari yarakoresheje igikorwa kimwe cyangwa byinshi byo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza, hemererwa utarakoresheje igikorwa na kimwe cyo kwiyamamaza cyangwa uwahakoresheje ibikorwa bike.

Ingingo ya 63: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza

Mu gihe cyo kwiyamamaza, umukandida ashobora gukoresha amatangazo amanitse, ibitambaro byanditseho, gutanga amabaruwa cyangwa inyandiko zigenewe abantu benshi, iteraniro, inama mbwirwaruhame cyangwa ikiganiro, itangazamakuru rikoreshe inyandiko, amajwi cyangwa amajwi n'amashusho, ikoranabuhanga mu itumanaho, ihererekanyamakuru n'ubundi buryo bwose butanyuranyije n'amategeko.

Ku birebana no kwiyamamaza hakoreshejwe itangazamakuru, Komisiyo ikora ku buryo abakandida ku giti cyabo, imitwe ya politiki n'amashyirahamwe y'imitwe ya politiki biri mu ihiganwa bihabwa uburenganzira bungana bwo gukoresha itangazamakuru rya Leta.

precedence. Where the first applicant held or organized one or several campaign operations in the same place, priority is given to the applicant who held none or fewer.

Article 63: Electoral campaign channels that are allowed

A candidate may, for his or her electoral campaign, use posters, banners, distribution of letters or circulars, meetings, public rallies or public debates, print media, radio, television, information technology and any other means which is not contrary to the law.

For a campaign through media, the Commission ensures that independent candidates, political organizations and coalitions of political organizations in competition are allotted equal access in the State media.

accordée à celui qui a le premier donné notification. Si celui qui a le premier notifié a déjà tenu ou organisé une ou plusieurs opérations de campagne dans cet endroit, la priorité est accordée à celui qui en a tenu moins ou aucune.

Article 63: Moyens autorisés pendant la campagne électorale

Un candidat peut utiliser, pour sa campagne électorale, des affiches, banderoles, la distribution de lettres ou des circulaires, des réunions, des rassemblements publics ou des débats publics, la presse écrite, la radio, la télévision, la technologie de l'information et tout autre moyen non contraire à la loi.

Pour la campagne électorale par voie de médias, la Commission veille à ce que les candidats indépendants, les formations politiques et les coalitions des formations politiques engagées dans la compétition bénéficient d'un accès équitable aux médias de l'État.

Ingingo ya 64: Uburyo umukandida wifuza kwiyamamaza mu bitangazamakuru bya Leta abisaba

Umukandida wifuza kwiyamamaza mu gitangazamakuru cya Leta, abisaba icyo gitangazamakuru mu nyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira hasigaye nibura iminsi itanu (5) y'akazi ngo umukandida yiyamamaze, agaha kopi Komisiyo. Muri iyo nyandiko, umukandida agaragaza itariki n'amasaha yifuza kuziyamamarizaho niba ari kuri radiyo cyangwa televiziyo by'Igihugu.

Ubuyobozi bw'igitangazamakuru busubiza mu nyandiko umukandida bumugaragariza itariki n'igihe yemerewe kwiyamamarizaho, bugaha kopi Komisiyo.

Inyandiko isubiza umukandida igomba gutangwa nibura hasigaye iminsi ibiri (2) mbere y'uko igikorwa cyo kwiyamamaza gitangira. Umukandida ashyira umukono kuri iyo nyandiko yemeza ko yayakiriye.

Article 64: Modalities for application for authorization for a candidate wishing to campaign through State media

A candidate who wishes to campaign using State media applies for it through a written notice with acknowledgment of receipt addressed to such media and provides a copy to the Commission at least five (5) working days before the commencement of such a campaign. The candidate indicates in such a notice the date and time he or she intends to conduct such a campaign if it is on State radio or television.

The management of the media outlet, replies in writing to the candidate notifying his or her of the date and time when he or she is authorized to conduct the campaign with a copy to the Commission.

The response to the application of the candidate must be given at least two (2) days before the campaign. The candidate acknowledges receipt of the reply by appending his or her signature to it.

Article 64: Modalités de demande d'autorisation pour un candidat désirant utiliser les médias de l'État dans sa campagne électorale

Un candidat désirant utiliser un média de l'État dans sa campagne électorale adresse à ce média une demande écrite contre accusé de réception et réserve copie à la Commission au moins cinq (5) jours ouvrables avant le début de la campagne électorale. Le candidat doit préciser dans sa demande la date et les heures auxquelles il désire mener sa campagne soit à la radio ou à la télévision nationale.

La direction du média, répond par écrit au candidat pour lui notifier la date et l'heure auxquelles il est autorisé à mener sa campagne et réserve copie à la Commission.

La réponse à la demande du candidat doit être donnée au moins deux (2) jours avant le début de la campagne. Le candidat accuse réception de la réponse en y apposant sa signature.

Ingingo ya 65: Ibyemezo bifatirwa umukandida wiyamamaza ku giti cye utubahiriza amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umukandida wiyamamaza ku giti cye ugaragayeho kwica amategeko mu gihe cyo kwiyamamaza, atumizwa na Komisiyo kugira ngo yihanangirizwe bwa mbere ku mugaragaro mu magambo.

Iyo nyuma yo kwihanangirizwa atikosoye, Komisiyo imwihanangiriza bwa nyuma mu nyandiko imugaragariza ikosa yakoze n'ingingo z'amategeko zitubahirijwe.

Iyo akomeje kutubahiriza ibiteganywa n'amategeko, Komisiyo imwandikira imumenyesha ko kandidatire ye yavanywe mu bakandida bemerewe kwiyamamaza.

Ingingo ya 66: Ibyemezo bifatirwa Umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byagaragayeho kutubahiriza amategeko mu gihe cyo kwiyamamaza

Iyo umukandida uri ku ilisiti yatanze n'umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki agaragayeho kwica amategeko mu gihe cyo

Article 65: Actions taken against a private candidate who violates Laws during election campaign

Without prejudice to the provisions of other Laws, any private candidate who violates Laws while campaigning is summoned by the Commission for a first official verbal warning.

If he or she persists after the warning, the Commission issues a written final warning to the candidate, indicating the fault committed and legal provisions violated.

If he or she continues to violate the provisions of laws, the Commission notifies him or her being removed from the list of candidates.

Article 66: Actions taken against a political organisation or a coalition of political organizations violating Laws during campaign

Where the candidate on the list of a political organisation or coalition of political organisations violates Laws during the electoral campaign, the Commission summons

Article 65: Mesures prises contre un candidat indépendant violant les lois lors de la campagne électorale

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, le candidat indépendant qui enfreint les lois lors de la campagne est convoqué par la Commission pour un premier avertissement oral officiel.

S'il ne se corrige pas après cet avertissement, la Commission lui adresse par écrit un dernier avertissement lui indiquant la faute commise et les dispositions légales violées.

S'il continue de violer les dispositions légales, la Commission l'informe par écrit que sa candidature est rayée de la liste des candidats.

Article 66: Mesures prises contre une formation politique ou d'une coalition de formations politiques qui viole les lois lors de la campagne électorale

Lorsqu'un candidat qui figure sur la liste d'une formation politique ou d'une coalition de formations politiques viole les lois lors de la campagne électorale, la Commission convoque

kwiyamamaza, Komisiyo ihamagaza ikanihanangiriza uwo mutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki ku mugaragararo mu magambo.

the political organisation or coalition of political organisations concerned for an official verbal warning.

la formation politique ou la coalition de formations politiques concernée et lui adresse un avertissement oral officiel.

Iyo umukandida wagaragayeho kwica amategeko mu kwiyamamaza atikosoye, Komisiyo yandikira umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki abarizwamo ibihanangiriza bwa nyuma.

Where the candidate persists in violating laws, the Commission issues a final written warning to his or her political organisation or coalition of political organisations.

Au cas où le candidat persiste dans la violation des lois, la Commission adresse à sa formation politique ou coalition de formations politiques un dernier avertissement écrit.

Iyo uko kwica amategeko bikomeje Komisiyo isaba umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki kuvana ku ilisiti yawo uwo mukandida mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko irindi kosa yakoze.

If such violation of Laws persists, the Commission requests the concerned political organisation or coalition of political organisations to remove the candidate from its list within twelve (12) hours following the written notification of another fault committed.

Si la même violation des lois persiste, la Commission demande à la formation politique ou à la coalition de formations politiques concernée de rayer de sa liste le candidat fautif dans les douze (12) heures suivant la notification écrite d'une autre faute commis par ce dernier.

Iyo umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki ritabikoze, Komisiyo ifata icyemezo cyo kumuvana ku ilisiti y'abakandida mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa kuva umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki bisabwe kumuvana ku ilisiti, bikamenyeshwa umutwe wa politiki bireba, Urwego rufite mu nshingano kwandika imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo, Sena, Urukiko rw'Ikirenga n'Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.

Where the political organisation or coalition of political organisations fails to do so, the Commission takes a decision to remove the candidate from the list of candidates within twenty-four (24) hours from the time the political organisation or coalition of political organisations was requested to remove the candidate from the list, and it informs the concerned political organisation, the authority in charge of registration of political organisations, the Senate, the Supreme Court and the Consultative Forum of Political Organisations.

À défaut de ce rayage par la formation politique ou par la coalition de formations politiques, la Commission prend la décision de rayer le candidat de la liste dans les vingt-quatre (24) heures suivant le moment où il a été demandé à la formation politique ou la coalition de formations politiques de le rayer et en informe la formation politique concernée, l'autorité ayant l'enregistrement des formations politiques dans ses attributions, le Sénat, la Cour Suprême et le Forum de concertation des formations politiques.

Uwavanywe ku ilisiti y'abakandida afite uburenganzira bwo kuregera icyemezo cya Komisiyo mu rukiko rubifiye ububasha mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) nyuma yo kuvanwa ku ilisiti y'abakandida. Icyakora, ntibibuza igikorwa cy'itorera gukomeza.

A candidate who has been removed from the list of candidates has the right to appeal against the decision of the Commission to the competent court within twenty-four (24) hours from the time he or she was removed from the list. However, this does not impede the progress of the electoral process.

Le candidat rayé de la liste des candidats a le droit d'introduire le recours devant la juridiction compétente contre la décision de la Commission dans un délai ne dépassant pas vingt-quatre (24) heures après son rayage sur la liste des candidats. Toutefois, ce recours n'entrave pas le processus électoral.

Umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byagaragayeho kutubahiriza amategeko mu gihe cyo kwiyamamaza bikurikiranwa hakurikijwe amategeko abigenga.

A political organization or a coalition of political organizations which violates Laws during electoral campaign is dealt with in accordance with relevant Laws.

Une formation politique ou une coalition de formations politiques qui viole les lois lors de la campagne électorale est poursuivie conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 67: Gutangaza ibyavuye mu itora n'igihe bikorerwa

Article 67: Proclamation of electoral results and its timing

Article 67: Proclamation des résultats du scrutin et son délai

Komisiyo itangaza by'agateganyo na burundu ibyavuye mu itora.

The Commission proclaims provisional and final electoral results.

La Commission procède à la proclamation provisoire et définitive des résultats du scrutin.

Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu itora bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itora rirangiye, naho gutangaza burundu ibyavuye mu itora bikorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) nyuma yo gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu itora.

The proclamation of provisional electoral results is done within five (5) days after closure of polls, while declaration of the final electoral results is done within seven (7) days after proclaiming the provisional results.

La proclamation provisoire des résultats se fait dans les cinq (5) jours suivant le scrutin. La proclamation des résultats définitifs se fait dans les sept (7) jours suivant la proclamation provisoire des résultats.

Amabwiriza ya Komisiyo akena uburyo gutangaza ibyavuye mu itora bikorwa.

Instructions of the Commission determine modalities for the proclamation of electoral results.

Les instructions de la Commission déterminent les modalités de proclamation des résultats électoraux.

Ingingo ya 68: Ikirego kijyanye n'itangwa rya kandidatire n'ikijyanye n'itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko

Uburenganzira bwo gutanga ikirego kijyanye n'itangwa rya kandidatire cyangwa itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko bufitwe na buri Munyarwanda, umukandida, umutwe wa politiki na Komisiyo.

Ushaka gutanga ikirego abikora mu masaha mirongo ine n'umunani (48) y'akazi akurikira umunsi Perezida wa Komisiyo atangarijeho by'agateganyo ilisiti y'abakandida cyangwa ibyavuye mu itora.

Ikirego gishyikirizwa kandi kigasuzumwa n'urukiko rubifitiye ububasha, mu buryo no mu bihe biteganywa n'amategeko abigenga.

Urukiko rwacye urubanza ni na rwo rufite ububasha bwo gutegeka ko ikosa ryagaragaye mu gihe cy'itangazwa rya lisiti y'abakandida cyangwa mu gihe cy'itora rikosorwa, gutegeka ko haseswa cyangwa hasubirwamo itora mu gice cy'ahantu cyabayemo ikosa, gusesa cyangwa gutegeka ko itora ryose risubirwamo, rukanatega ko

Article 68: Complaint related to the submission of candidacy and to presidential and legislative elections

The right to file a complaint related to the submission of candidacy and to presidential and legislative elections is vested in any Rwandan, a candidate, a political organization and in the Commission.

Whoever wants to lodge a complaint does so within forty-eight (48) working hours from the provisional publication of the list of candidates or electoral results by the chairperson of the Commission.

The complaint is lodged with and heard by the competent court in the manner and within the time prescribed by relevant Laws.

The court having decided the case is also competent to order that irregularities noted in the publication of the list of candidates or in the conduct of election be corrected, to order nullification or repeat of elections in the area where irregularities are identified, order nullification or repeat of the whole election or order that a new round of election be held in accordance with legal provisions.

Article 68: Plainte relative au dépôt de candidature et aux élections présidentielles et législatives

Le droit de déposer une plainte relative au dépôt de candidature et aux élections présidentielles et législatives appartient à tout Rwandais, au candidat, à la formation politique et à la Commission.

Quiconque veut soumettre une plainte doit le faire dans les quarante-huit (48) heures ouvrables suivant la proclamation provisoire de la liste des candidats ou des résultats électoraux par le président de la Commission.

La plainte est soumise à la juridiction compétente et entendue par cette dernière de la manière et dans les délais prescrits par la législation en la matière.

La juridiction ayant rendu la décision est aussi compétente pour ordonner la correction des irrégularités constatées dans la publication de la liste des candidats ou dans le déroulement de l'élection, ordonner l'annulation ou la reprise de l'élection dans un endroit où les irrégularités ont été constatées, ordonner l'annulation ou la reprise de toute l'élection ou ordonner la tenue

haba irindi tora hakurikijwe ibiteganywa n'amategako.

Kutakirwa kw'ikirego byemeza ko ibyatangajwe by'agateganyo na Komisiyo bifite agaciro.

Nta kirego na kimwe gishobora kubuza ibikorwa by'itora gukomeza uretse ikijyanye no gutangaza burundu ibyavuye mu itora.

Ingingo ya 69: Umukandida watowe atari yujuje ibisabwa

Nyuma yo gutangaza burundu ibyavuye mu itora, igihe cyose bigaragaye ko umukandida watanze kandidatire ikemerwa akanatorwa atari yujuje ibisabwa ku mpamvu izo ari zo zose, itorwa rye riseswa n'urukiko rubifitiye ububasha bisabwe n'ubifitemo inyungu wese. icyakora, ibikorwa yakoze bijyanye n'inshingano yatorewe bigumana agaciro kabyo.

Ingingo ya 70: Itangazwa ry'ibyavuye mu itora igihe habayeho gukosora

Iyo urukiko rutegetse ko ibyavuye mu itora bikosorwa, Komisiyo itangaza burundu

The inadmissibility of the complaint upholds the validity of the published provisional results.

No petition shall, in any way, impede the progress of the electoral process except one relating to publication of the final electoral results.

Article 69: Elected candidate without meeting requirements

If at any time after the publication of final election results it is proven that a candidate whose candidacy has been accepted has been elected without meeting requirements for any reasons, the election of such a candidate is nullified by the relevant court upon request by any interested party. However, acts that he or she had performed within the context of duties for which he or she was elected, remain valid.

Article 70: Proclamation of election results in case of correction

If the court orders that correction on the election results be made, the Commission

d'un nouveau tour d'élection conformément aux dispositions légales.

L'irrecevabilité de la plainte ne fait que confirmer la validité des résultats publiés à titre provisoire.

Aucun contentieux ne peut arrêter le processus électoral en cours sauf celui relatif à la proclamation des résultats définitifs.

Article 69: Candidat élu ne remplissant pas les conditions requises

Après la proclamation des résultats définitifs des élections, à tout moment qu'il est constaté qu'un candidat dont la candidature a été acceptée a été élu alors qu'il ne remplissait pas les conditions requises, pour quelque motif que ce soit, son élection est annulée par la juridiction compétente sur demande de toute partie intéressée. Toutefois, les actes qu'il avait posés dans le cadre des fonctions pour lesquelles il avait été élu restent valables.

Article 70: Proclamation des résultats des élections au cas où il y a eu rectification

Si la juridiction ordonne la rectification des résultats, la Commission proclame les résultats

ibyavuye mu itora ishingiyeye ku cyemezo cy'urukiko.	proclaims the final election results on the basis of the court decision.	définitifs des élections sur base de la décision de la juridiction.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ingingo zihariye ku itora rya Perezida wa Repubulika	<u>Section 2:</u> Specific provisions on the presidential election	<u>Section 2:</u> Dispositions particulières à l'élection présidentielle
<u>Akiciro ka mbere:</u> Iteka rihamagarira abaturage itora	<u>Subsection One:</u> Order calling upon the population to vote	<u>Sous-section première:</u> Arrêté appelant la population aux Élections
<u>Ingingo ya 71:</u> Igihe cy'itangazwa ry'iteka rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza	<u>Article 71:</u> Timeframe for publication of the order determining the voting day and campaign period	<u>Article 71:</u> Délai de publication de l'arrêté fixant le jour du scrutin et la période de campagne
Itangazwa ry'Iteka rya Perezida rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza rikorwa hasigaye nibura iminsi mirongo icyenda (90) ngo itora ribe.	The publication of the Presidential Order determining the voting day and campaign period is done at least ninety (90) days before the election.	La publication de l'arrêté présidentiel fixant le jour du scrutin et la période de campagne est faite au moins quatre-vingt-dix (90) jours avant le scrutin.
<u>Akiciro ka 2:</u> Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza ku mwanya wa Perezida wa Repubulika	<u>Subsection 2:</u> Submission of the candidacy and campaign for the office of the President of the Republic	<u>Sous-section 2:</u> Dépôt de candidature et campagne au poste de Président de la République
<u>Ingingo ya 72:</u> Itangwa rya kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika	<u>Article 72:</u> Submission of the candidacy for the office of the President of the Republic	<u>Article 72:</u> Dépôt de candidature au poste de Président de la République
Gutanga kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika bikorwa n'umuntu ku giti cye mu nyandiko, nyuma y'itangazwa ry'Iteka rya Perezida riteganyijwe mu ngingo ya 71 y'iri tegeko ngenga, kandi bigashyikirizwa Komisiyo ikabatangira icyemezo cy'iyakira.	The submission of the candidacy for the office of the President of the Republic is deposited personally in writing by the candidate after the publication of the Presidential Order provided for under Article 71 of this Organic Law and it	Le dépôt de candidature au poste de Président de la République est fait par écrit à titre personnel après la publication de l'arrêté présidentiel prévu à l'article 71 de la présente loi organique et est transmis personnellement à la Commission contre accusé de réception.

is submitted to the Commission which issues an acknowledgement of receipt thereof.

Gutanga kandidature bikorwa mu nyandiko ebyiri zisa ziriho umukono cyangwa igikumwe by'umukandida n'inyandiko ye yemeza ko ibyo atanze ari ukuri.

The submission of candidacy is made in two copies signed or fingerprinted by the candidate and accompanied by a sworn declaration certifying that information provided is true.

Le dépôt de candidature se fait en double exemplaire signé ou portant l'empreinte digitale du candidat accompagné d'une déclaration sur l'honneur attestant que des renseignements fournis sont véridiques.

Gutanga kandidature ku mwanya wa Perezida wa Repubulika bikorwa hasigaye nibura iminsi mirongo itatu n'itanu (35) ngo itora ribe.

Where, for any reason, a Deputy elected under the list of a political organisation or from a coalition of political organisations is no longer exercising his or her duties as a Deputy, the Speaker of the Chamber of Deputies informs the Commission within (10) days for announcement of the names of a Deputy who should replace his or her.

Si pour une raison quelconque, un Député qui a été élu sous le parrainage d'une formation politique ou d'une coalition de formations politiques n'est plus dans ses fonctions de Député, le Président de la Chambre des Députés en informe la Commission dans les dix (10) jours pour la proclamation des noms de son remplaçant.

Komisiyo igomba kuba yatangarije Abanyarwanda amazina y'Umudepite mushya mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7)

The Commission must announce to Rwandans the full names of the substitute Deputy within seven (7) days from the date when the Speaker of the Chamber of Deputies informed it.

La Commission est tenue de communiquer au peuple rwandais les noms du Député remplaçant dans les sept (7) jours suivant la

uhereye igihe Perezida w'Umutwe w'Abadepite abiyimenyeshereje.

Iyo ari umutwe wa politiki washeshwe, umwe cyangwa benshi mu Badepite beguye kandi nta musimbura uri ku ilisiti, hakoreshwa andi matora yo gusimbura Abadepite batari mu myanya yabo mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90).

Iyo bigenze bityo, buri mutwe wa politiki cyangwa abakandida bigenga bashobora gutanga kandidatire kuri uwo mwanya mu buryo busanzwe buteganyijwe igihe iyo myanya ipiganirwa.

Ingingo ya 95: Isimbura ry'Umudepite utari ku ilisiti y'Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki

Mu gihe Umudepite utari ku ilisiti y'umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki yeguye, apfuye, avanywe cyangwa agize indi mpamvu imubuza burundu gukomeza gukora umurimo yatorewe, Komisiyo imaze kubimenyeshwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite ikoresha itora ryo kumusimbura iyo igihe cya manda gisigaye kirenze umwaka umwe (1). Umudepite utowe arangiza igice cyari gisigaye kuri manda y'uwo asimbuye.

Where a political organisation is dissolved, one or several Deputies resign and when there is no substitute on the list, other elections are organised to replace those who resigned within a period not exceeding ninety (90) days.

In this case, each political organisation or independent candidates may submit their candidacy on such a post through usual procedures described in case such posts are subject to competition.

Article 95: Replacement of a Deputy who is not on the list of a political organisation or coalition of political organisations

Where one of the members of the Chamber of Deputies who is not on the list of political organisations or coalition of political organisations resigns, dies, is dismissed from his or her duties or has any other reason that impedes his or her from definitively discharging the duties for which he or she was elected, the Commission, after being informed by the Speaker of the Chamber of Deputies, conducts elections to replace his or her if the remaining term of office exceeds one (1) year.

notification lui adressée par le Président de la Chambre des Députés.

En cas de dissolution d'une formation politique ou si un ou plusieurs Députés démissionnent et qu'il n'y a pas de suppléant sur la liste, d'autres élections sont organisées pour le remplacement des démissionnaires dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt-dix (90) jours.

Dans ce cas, chaque formation politique ou les candidats à titre indépendant peuvent présenter leurs candidatures pour ce poste tel que prévu d'ordinaire pour ces postes qui font l'objet de compétition.

Article 95: Remplacement d'un Député ne figurant pas sur la liste d'une formation politique ou d'une coalition des formations politiques

Lorsqu'un membre de la Chambre des Députés ne figurant pas sur la liste d'une formation politique ou d'une coalition des formations politiques démissionne, décède, est déchu de ses fonctions ou définitivement empêché de continuer d'assumer les fonctions pour lesquelles il a été élu, la Commission, après en être informé par le Président de la Chambre des Députés, organise les élections pour le remplacer lorsque le terme du mandat restant à courir est supérieur à un (1) an. Le député élu

The elected Deputy holds office for the remainder of the predecessor's term.

achève la portion du mandat de son prédécesseur qui reste à courir.

Icyiciro cya 4: Ingingo zihariye ku itora ry'abagize Sena

Section 4: Specific provisions to election of members of the Senate

Section 4: Dispositions particulières à l'élection des membres du Sénat

Akicro ka mbere: Itangwa rya kandidatire ku mwanya w'Ubusenateri

Subsection One: Submission of Senatorial candidacies

Sous-section première: Dépôt de candidature des candidats Sénateurs

Ingingo ya 96: Itangwa rya kandidatire ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'igihugu no muri za Kaminuza n'Ibigo by'Amashuri makuru

Article 96: Submission of candidacies for Senators elected according to the administrative entities of the country, universities and institution of higher learning

Article 96: Dépôt de candidature pour les Sénateurs élus en fonctions des entités administratives du pays, des universités et institutions d'enseignement supérieur

Itangwa rya kandidatire ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'igihugu kimwe n'abatorwa muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru rikorwa mu nyandiko n'umuntu ku giti cye, igashyikirizwa Komisiyo kandi ikayitangira icyemezo cy'iyakira hasigaye nibura iminsi mirongo itatu n'itanu (35) ngo itora ribe.

Submission of candidacies for Senators elected according to the administrative entities of the country and universities and higher learning institutions, is made personally in writing by the candidate and submitted against acknowledgment of receipt to the Commission at least thirty-five days (35) before the polling day.

Le dépôt de candidature pour les Sénateurs élus en fonctions des entités administratives du pays, des universités et institutions d'enseignement supérieur est individuel et se fait par écrit et contre accusé de réception, à la Commission trente-cinq (35) jours au moins avant la date du scrutin.

Komisiyo ntiyemerewe kwanga kandidatire y'abashaka kwiyamamaza.

The Commission is not allowed to reject a candidacy of a person wishing to campaign.

La Commission n'est pas autorisée de rejeter la candidature d'une personne désireuse de mener une campagne.

Ingingo ya 97: Ibiherekeza kandidatire ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu no muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru

Ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'igihugu no muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru, kandidatire ya buri mukandida igomba guherekezwa n'ibi bikurikira:

- 1° amazina yose y'umukandida ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
- 2° umwirondoro ugaragaza:
 - a. umurimo akora;
 - b. aho yavukiye n'itariki y'amavuko;
 - c. aho aba;
- 3° icyemezo cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- 4° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;

Article 97: Elements accompanying candidacies for Senators elected in accordance with administrative entities of the Country, universities and institutions of higher learning

Candidacies for Senators elected in accordance with administrative entities of the country, universities and higher learning institutions must be accompanied by the following elements:

- 1 ° full names of the candidate as they appear in his or her national identity card;
- 2 ° a curriculum vitae indicating:
 - a. his or her profession;
 - b. his or her place and date of birth;
 - c. his or her place of residence;
- 3 ° a birth certificate issued by a competent authority not exceeding three (3) months from the date of issue;
- 4 ° two (2) coloured passport-sized photographs;

Article 97: Éléments accompagnant les candidatures pour les sénateurs élus en fonctions des entités administratives du pays, des universités et des institutions d'enseignement supérieur

Les candidatures pour les Sénateurs élus en fonctions des entités administratives du pays, des universités et institutions d'enseignement supérieur doivent être accompagnée des éléments suivants:

- 1 ° les noms et prénoms de chaque candidat conformes à ceux figurant sur sa carte d'identité;
- 2 ° un curriculum vitae indiquant:
 - a. sa profession;
 - b. son lieu et date de naissance;
 - c. le lieu de résidence;
- 3 ° une attestation de naissance délivrée par l'autorité compétente ne dépassant pas trois (3) mois à dater de sa délivrance;
- 4 ° deux photos passeport en couleur;

5° fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;

5 ° a copy of his or her national identity card;

5 ° une photocopie de sa carte d'identité;

6° icyemezo kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe, kitarengeje amezi atandatu (6) gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;

6 ° a copy of criminal record issued by the competent national authority within the previous six (6) months;

6 ° un extrait du casier judiciaire délivré par l'autorité nationale compétente ne dépassant pas trois (3) mois à dater de sa délivrance ;

7° kopi y'impamyabumenyi nibura y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza cyangwa ihwanye na yo iriho umukono wa noteri cyangwa icyemezo cy'uko yakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa urw'abikorera;

7 ° at least a certified copy of bachelor's degree or equivalent or a certificate stating that he or she has occupied a high ranking position in public or private sector;

7 ° une photocopie notariée de diplôme de licence ou de son équivalent ou un certificat attestant qu'il a occupé des fonctions de haut niveau au sein du secteur public ou privé;

8° inyangiko ye yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyangiko yasabwe kandi yatanze ari ukuri.

8 ° his or her statement with his or her signature or fingerprint certifying the authenticity of the required documents submitted.

8 ° une déclaration du candidat portant sa signature ou son empreinte digitale attestant l'authenticité des documents requis qu'il a fournis.

Ingingo ya 98: Ibisabwa by'umwihariko abakandida ku myanya y'Abasenateri batorwa muri za kaminuza n'amashuri makuru

Article 98: Special requirements for senatorial candidates from universities and institutions of higher learning

Article 98: Exigences spéciales pour les candidats Sénateurs issus des universités et les institutions d'enseignement supérieur

Abakandida b'Abasenateri batorwa muri za kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'ibiyigenga bagomba kuba ari abarimu cyangwa abashakashatsi ku buryo buhoraho

Senatorial candidates from public and private universities and institutions of higher learning are required to be permanent lecturers or researchers with at least an academic rank of

Les candidats Sénateurs issus des universités et les institutions d'enseignement supérieur publics et privés doivent être des professeurs ou chercheurs ayant au moins le grade

muri izo kaminuza cyangwa ayo mashuri makuru bageze nibura ku rwego rw'umwarimu wungirije cyangwa umwarimu w'umushakashatsi wungirije.

associate professor or associate research professor, in the said universities and institutions of higher learning.

académique de professeur associé ou professeur chercheur associé, exerçant leurs fonctions à titre permanent dans ces universités ou institutions d'enseignement supérieur.

Umukandida ushaka kwiyamamariza kuba Umusenateri ku mwanya wagenewe Abarimu n'Abashakashatsi bo muri za Kaminuza n'Ibigo by'Amashuri Makuru bya Leta n'ibygenga, agomba kugaragaza ibi bikurikira:

Any candidate who wishes to campaign for the senatorial post designated for lecturers and researchers in public and private universities and institutions of higher learning must submit the following:

Tout candidat qui désire présenter sa candidature pour le poste de sénateur réservé au personnel enseignant et de recherche dans les universités et institutions d'enseignement supérieur publiques et privées doit soumettre ce qui suit :

1° icyemezo cy'uko akora ku buryo buhoraho cyatanzwe na kaminuza cyangwa ishuri rikuru rya Leta cyangwa ryigenga;

1° a certificate issued by public or private university or institution of higher learning, confirming that he or she is employed on a permanent basis;

1° une attestation délivrée par l'université ou l'Institut d'enseignement supérieur public ou privé certifiant qu'il exerce ses fonctions à titre permanent;

2° inyandiko yemeza ko yashyizwe nibura ku rwego rw'umwarimu wungirije cyangwa urw'umwarimu w'umushakashatsi wungirije.

2° a certificate confirming his or her academic rank of an associate professor or associate research professor.

2° une attestation de nomination au grade de professeur associé ou professeur chercheur associé.

Iyo Umusenateri wari waratowe muri Kaminuza n'Ibigo by'Amashuri Makuru ashaka kwiyamamariza manda ya kabiri (2) ku mwanya w'Umusenateri utorwa muri Kaminuza n'Ibigo by'Amashuri Makuru, ntabwo ibyangombwa biteganywa mu gace ka mbere k'igika cya 2 cy'iyi ngingo iyo manda ashaka kwiyamamariza ikurikirana n'iyi arimo.

A candidate seeking to run for a second consecutive term as a senatorial candidate to fill the seat reserved for lecturers and researchers of Universities and institutions of higher learning is not required to provide the certificate referred to under item one of Paragraph 2 of this Article.

Un candidat désirant briguer un deuxième mandat consécutif au siège du sénateur réservé aux professeurs et chercheurs des universités et institutions d'enseignements supérieures n'est pas tenu à présenter l'attestation dont il est question au point premier de l'alinéa 2 du présent article.

Ingingo ya 99: Iyemezwa ry'urutonde rw'abakandida b'Abasenateri batorwa

Abasenateri batorwa bemezwa n'Urukiko rw'Ikirenga.

Komisiyo ishyikiriza Urukiko rw'Ikirenga dosiye zose z'abakandida yakiriye, urutonde rwabo n'uko ibona buri kandidatire, mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) uhereye ku munsu w'ihagarikwa ry'iyakira rya kandidatire kugira ngo Urukiko ruzemeze.

Inyandiko isaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza kandidatire ifatwa nk'ikirego gishyikirijwe Urukiko. Urukiko rw'Ikirenga rusuzuma kandi rukemeza kandidatire rwashyikirijwe mu muhezo, inteko y'abacamanza igizwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abacamanza bagize Urukiko rw'Ikirenga, rugashingira ku nyandiko n'ibindi byangombwa bisabwa abakandida nk'uko biteganywa n'amategeko. icyemezo cyafashwe n'Urukiko rw'Ikirenga ntikijurirwa.

Bitarenze iminsi itanu (5), uhereye igihe Urukiko rw'Ikirenga rwashyikirijweho dosiye z'abakandida, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga ashyikiriza Komisiyo urutonde rw'abakandida bemejwe n'urw'abatemejwe ndetse na

Article 99: Approval of the list of candidates for elective senators

Elective senators are approved by the Supreme Court.

The Commission submits to the Supreme Court for approval all candidacies received, a list of candidates and its observations on each candidacy within three (3) days from the day of closure of reception of candidacies.

The request for approval of candidacies is submitted as a petition filed with the Supreme Court. The Supreme Court considers and approves the submitted candidacies behind closed doors, based on documents and other requirements to candidates as provided for by the Law, with the bench being composed of at least of two-thirds (2/3) of the judges of the Supreme Court. The decision of the Supreme Court is non-appealable.

Within five (5) days from the reception of candidacy files by the Supreme Court, the Chief Registrar of the Supreme Court hands a list of both approved and non-approved candidates and their files to the Commission which publishes a list of approved candidacies

Article 99: Approbation de la liste des candidats pour les sénateurs électifs

Les sénateurs électifs sont approuvés par la Cour Suprême.

Dans les trois (3) jours suivant la clôture de dépôt des candidatures, la Commission transmet tous les dossiers de candidature, une liste contenant les noms des candidats ainsi que ses observations pour chaque candidature à la Cour Suprême pour approbation.

La demande d'approbation des candidatures se présente comme une requête déposée auprès de la Cour Suprême. La Cour Suprême examine et approuve à huis clos les candidatures lui présentées sur base des documents et autres éléments exigés des candidats conformément à la loi, le siège étant composé d'au moins deux tiers (2/3) des juges de la Cour Suprême. La décision rendue par la Cour Suprême n'est pas susceptible d'appel.

Dans les cinq (5) jours suivant la réception des dossiers de candidature par la Cour suprême, le Greffier en chef de la Cour suprême remet les listes des candidats approuvés et ceux non approuvés ainsi que leurs dossiers à la Commission, qui publie une liste des

dosiye zabo, na yo igatangaza ku mugaragaro urutonde rwemejwe mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uherye isaha Urukiko rw'Ikirenga rwayishyikirijeho kandidatire zemejwe.

Dosiye z'abakandida zishyingurwa muri Komisiyo.

Ingingo ya 100: Iyemezwa ry'urutonde rw'abakandida b'Abasenateri bashyirwaho n'Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki

Nyuma yo kwemeza Abakandida b'Abasenateri, Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki rishyikiriza Urukiko rw'Ikirenga dosiye z'abakandida mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) uherye ku muni bemerejweho n'iryo huriro kugira ngo ruzemeze.

Inyandiko isaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza kandidatire ifatwa nk'ikirego gishyikirijwe Urukiko.

Isuzuma ry'Urukiko rw'Ikirenga rikorwa mu muhezo n'inteko y'abacamanza igizwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abacamanza bagize Urukiko rw'Ikirenga hashingiwe gusa ku nyandiko

within twenty-four (24) hours from the time when the Supreme Court has submitted the list of approved candidacies to the Commission.

Candidates' files are deposited in the archives of the Commission.

Article 100: Approval of the list of senatorial candidates designated by the Consultative Forum of Political Organisations

After having designated senatorial candidates, the Consultative Forum of Political Organisations submits the files of candidates to the Supreme Court within three (3) days from such designation for approval.

The request for approval of candidacies is submitted as a petition filed with the Supreme Court.

Candidacies are examined behind closed doors by a list a college composed of two thirds (2/3) judges of the Supreme Court, exclusively based on documents and other requirements to candidates as provided for by the Law. The

candidatures approuvées dans les vingt-quatre (24) heures suivant le moment où la Cour suprême lui a remis la liste des candidatures approuvées.

Les dossiers des candidats sont gardés dans les archives de la Commission.

Article 100: Approbation de la liste des candidats Sénateurs nommés par le Forum de Concertation des Formations Politiques

Après avoir nommé les candidats Sénateurs, le Forum de Concertation des Formations Politiques présente les dossiers des candidats à la Cour suprême mais dans les trois (3) jours suivant cette désignation pour approbation.

La demande d'approbation des candidatures se présente comme une requête déposée auprès de la Cour suprême.

Les candidatures sont examinées à huis clos par un collège d'au moins deux tiers (2/3) des juges de la Cour Suprême, en se fondant uniquement sur les documents et autres éléments exigés des candidats conformément à

n'ibyangombwa bisabwa abakandida biteganywa n'amategeko. Icyemezo cyafashwe n'Urukiko rw'Ikirenga ntikijurirwa.

decision of the Supreme Court is non-appealable.

la loi. La décision rendue par la Cour Suprême n'est pas susceptible d'appel.

Nyuma yo gufata icyemezo, umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga ashyikiriza Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki urutonde rw'abakandida bemejwe kuba Abasenateri n'urw'abatemejwe ndetse na dosiye zabo, na ryo rikageza kuri Sena urutonde rw'abemejwe mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uherye ku isaha Urukiko rw'Ikirenga rwayishyikirijeho Abasenateri bemejwe.

After the Supreme Court has handed down its decision, the Chief Registrar submits lists of both approved and non-approved candidates together with their files to the Consultative Forum of Political Organisations, which submits to the Senate the list of approved candidates within twenty-four (24) hours from the submission to the Forum of the list of approved candidates by the Supreme Court.

Après que la Cour suprême a rendu sa décision, le Greffier en chef transmet les listes des candidats approuvés et ceux non approuvés ainsi que leurs dossiers au Forum de Concertation des Formations Politiques, qui doit présenter au Sénat la liste des candidats approuvés dans les vingt-quatre (24) heures suivant la soumission au Forum de la liste des candidats approuvés par la Cour suprême.

Akiciro ka 2: Itora ry'abagize Sena

Subsection 2: Election of senators

Sous-section 2: Élection des sénateurs

Ingingo ya 101: Abagize Sena n'uko batorwa cyangwa bashyirwaho

Article 101: Composition of the Senate and modalities of election or appointment of its members

Article 101: Composition du Sénat et modalités d'élection ou nomination de ses membres

Sena igizwe n'Abasenateri makumyabiri na batandatu (26) batorwa cyangwa bashyirwaho ku buryo bukurikira:

The Senate is composed of twenty-six (26) senators elected or appointed as follows:

Le Sénat est composé de vingt-six (26) sénateurs élus ou désignés comme suit:

1° cumi na babiri (12) batorwa n'inzezi zihariye, hakurikijwe inzezi z'imitegekere y'Igihugu;

1 ° twelve (12) senators elected by specific electoral colleges in accordance with national administrative entities;

1 ° douze (12) sénateurs élus par des collèges électoraux spécifiques, en fonction des entités administratives du pays;

2° umunani (8) bashyirwaho na Perezida wa Repubulika, by’umwihariko akita ku bumwe bw’Abanyarwanda, ku ihagararirwa ry’igice cy’Abanyarwanda amateka agaragaza ko basigaye inyuma no ku zindi nyungu rusange z’Igihugu;

2 ° eight (8) senators appointed by the President of the Republic, giving particular consideration to the principles of national unity, the representation of historically marginalised groups and any other national interests;

2 ° huit (8) sénateurs nommés par le Président de la République, tenant compte en particulier à l’unité nationale, la représentation des groupes historiquement marginalisés et aux autres intérêts nationaux;

3° bane (4) bashyirwaho n’Ihuriro ry’Igihugu Nyunguranabitekerezo ry’Imitwe ya Politiki;

3 ° four (4) senators designated by the National Consultative Forum of Political Organisations;

3 ° quatre (4) sénateurs nommés par le Forum National de Concertation des Formations Politiques;

4° umwarimu umwe (1) cyangwa umushakashatsi umwe (1) wo muri kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta uri ku rwego nibura rw’umwarimu wungirije utorwa n’abarimu n’abashakashatsi bo muri ibyo bigo;

4 ° one (1) academician or researcher from public universities and institutions of higher learning, holding at least the rank of Associate Professor, elected by the academic and research staff of the same universities and institutions;

4 ° un (1) enseignant ou chercheur issu des universités et institutions d’enseignement supérieur publiques ayant au moins le grade académique de Professeur Associé, élu par le corps académique et de recherche de ces universités et institutions;

5° umwarimu umwe (1) cyangwa umushakashatsi umwe (1) wo muri kaminuza no mu mashuri makuru byigenga nibura uri ku rwego rw’umwarimu wungirije utorwa n’abarimu n’abashakashatsi bo muri ibyo bigo.

5 ° one (1) academician or researcher from private universities and institutions of higher learning, holding at least the rank of Associate Professor, elected by the academic and research staff of the same universities and institutions.

5 ° un (1) enseignant ou chercheur issu des universités et institutions d’enseignement supérieur privées ayant au moins le grade académique de Professeur Associé, élu par le corps académique et de recherche de ces universités et institutions.

Abasenateri bavugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo biyongeraho abahoze ari Abakuru b’Igihugu barangije neza manda yabo cyangwa basezeye ku bushake bwabo,

In addition to the senators referred to in Paragraph One of this Article, former Heads of State who successfully completed their term of office or resigned voluntarily, may become

En plus des sénateurs mentionnés à l’alinéa premier du présent article, les anciens Chefs de l’État qui ont dûment achevé leurs mandats ou qui ont volontairement démissionné, peuvent

babisabye Perezida wa Sena, bikemezwa na Biro ya Sena mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).	members of the Senate upon their request to the President of the Senate and approved by the Bureau of the Senate within thirty (30) days.	devenir Sénateurs après requête adressée au Président du Sénat et approuvée par le Bureau du Sénat dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.
Inzego zishinzwe kugena abagomba kujya muri Sena zigomba kwita ku bumwe bw'Abanyarwanda n'ihame ry'uburinganire.	The organs responsible for the nomination of senators take into account national unity and gender.	Les organes chargés de désigner les sénateurs sont tenus de prendre en considération l'unité nationale et le genre.
<u>Ingingo ya 102:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu atorerwe kuba cyangwa agirwe Umusenateri	<u>Article 102:</u> Requirements for the election or appointment of a senator	<u>Article 102:</u> Conditions pour être élu ou désigné sénateur
Kugira ngo umuntu atorerwe kuba cyangwa agirwe Umusenateri, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:	For one to be elected or appointed as a senator, he or she must fulfil the following:	Pour être élu ou désigné sénateur, il faut remplir ce qui suit:
1° ari Umunyarwanda w'indakemwa kandi w'inararibonye;	1° be a Rwandan national of integrity with great experience;	1° être de nationalité rwandaise, intègre et d'une grande expérience;
2° afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza cyangwa ihwanye na yo cyangwa yarakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa mu bikorera;	2° hold at least a Bachelor's degree or equivalent qualification or having occupied senior responsibilities in the public or private sector;	2° être au moins détenteur d'un diplôme de licence ou équivalent ou avoir occupé des hautes fonctions dans le secteur public ou privé;
3° atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;	3° not to have been deprived of civil and political rights;	3° jouir de tous ses droits civiques et politiques;
4° afite nibura imyaka mirongo ine (40) y'amavuko;	4° be at least forty (40) years of age;	4° être âgé de quarante (40) ans au moins;

5° atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitahanaguweho n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurwabusembwa;

5° not to have been definitively sentenced to a main penalty equal to or higher than a six-month (6) of imprisonment, which was not erased by amnesty or rehabilitation;

5° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine principale égale ou supérieure à six (6) mois d'emprisonnement, non effacée par l'amnistie ou la réhabilitation;

6° atazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa mu ngingo ya 7 n'ya 8 z'iri tegeko ngenga.

6° not barred by any restrictions provided in Article 7 and 8 of this Organic Law.

6° ne pas être frappé de l'une des incapacités prévues aux articles 7 et 8 de la présente loi organique.

Ingingo ya 103: Itorwa ry'Abasenateri hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu

Article 103: Election of senators who are elected in accordance with the administrative entities of the country

Article 103: Élection des sénateurs élus en fonction des entités administratives du pays

Abasenateri cumi na babiri (12) batorwa mu ibanga n'inteko itora.

Twelve (12) senators are elected by secret ballot by an electoral college.

Douze (12) sénateurs sont élus au scrutin secret par un collège électoral.

Iteka rya Perezida rigena ifasi y'itora n'umubare w'Abasenateri batorwa kuri buri fasi rigena kandi abagize inteko itora.

A Presidential Order determines the constituency and a number of senators to be elected in each constituency as well as the electoral college.

Un arrêté présidentiel détermine la circonscription électorale et le nombre de sénateurs à élire dans chaque circonscription électorale ainsi que le collège électoral.

Mu itora ry'Abasenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu, abakandida baba batowe ni ababa barushije abandi amajwi hakurikijwe umubare uteganywa kuri buri fasi y'itora.

For the election of senators elected in accordance with administrative entities of the country, candidates who are considered as elected are the ones who obtain more votes according to the number of senators set for each constituency.

Pour l'élection des sénateurs élus en fonction des entités administratives du pays, sont déclarés élus les candidats ayant obtenu le plus grand nombre de voix en fonction du nombre de sénateurs fixé pour chaque circonscription électorale.

Iyo hari abakandida banganyije amajwi ku mwanya wa nyuma, itora risubirwamo kuri abo banganyije amajwi. Iyo bakomeje kunganya amajwi, hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Where there are candidates with equal number of votes while competing for the last slot, another round of elections is conducted between those with equal number of votes. If they obtain the same number of votes again, the winner is decided by drawing lots.

Lorsqu'il y a des candidats à égalité de voix qui sont en concours pour la dernière place, il est procédé à un second tour uniquement pour ces candidats en vue de les départager. Si l'égalité persiste, le gagnant est déterminé par tirage au sort.

Amabwiriza ya Komisiyo akena uburyo bikorwa.

Instructions of the Commission lay down rules for implementation thereof.

Les instructions de la Commission en fixent les modalités d'exécution.

Ingingo ya 104: Itora ry'Abasenateri batorwa muri za kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta n'ibiyigenga

Article 104: Election of senators representing public and private universities and institutions of higher learning

Article 104: Élection des sénateurs issus des universités et des institutions d'enseignement supérieur publiques et privées

Abasenateri batorwa muri za kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'ibiyigenga batorwa na bagenzi babo mu ibanga.

Senators elected from public and private universities and institutions of higher learning are elected by their peers by a secret ballot.

Les sénateurs issus des universités et des institutions d'enseignement supérieur publiques et privées sont élus par leurs pairs au scrutin secret.

Inteko itora itumizwa na Komisiyo ari na yo igena itariki, isaha n'aho itora rizabera. Ubwo butumire bugomba gukorwa nibura iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'umunsi w'itora.

The electoral college is convened by the Commission which determines the date, time and venue of the elections. This invitation is made at least fifteen (15) days before the polling day.

Le collège électoral est convoqué par la Commission qui fixe la date, l'heure et le lieu du scrutin. Cette convocation doit se faire au moins quinze (15) jours avant la date du scrutin.

Ku Basenateri batorwa n'abarimu cyangwa abashakashatsi bo muri kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta cyangwa ibiyigenga, umukandida uba watowe ni uba yarushije abandi amajwi.

For the election of senators representing public and private universities and institutions of higher learning, the elected candidate is the one who obtains more votes.

Pour l'élection des sénateurs représentant les universités et institutions d'enseignement supérieur publiques et privées, est déclaré élu le candidat ayant obtenu le plus grand nombre de voix.

Iyo ku mwanya wa mbere hari abakandida banganyije amajwi, itora risubirwamo. Iyo bakomeje kunganya amajwi, hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Where the first candidates have equal number of votes, a second round is conducted for only those candidates. If the equality of votes persists, the winner is determined by drawing lots.

Lorsqu'il y a égalité de voix à la première place, il est procédé à un deuxième tour uniquement pour ces candidats. Si l'égalité persiste, il est procédé au tirage au sort pour déterminer le candidat gagnant.

Amabwiriza ya Komisiyo akena uburyo bikorwa.

Instructions of the Commission lay down rules for implementation thereof.

Les instructions de la Commission en fixent les modalités d'exécution.

Ingingo ya 105: Isimburwa ry'Umusenateri watowe udashoboye kurangiza manda

Article 105: Replacement of a senator who is unable to complete the term of office

Article 105: Remplacement du sénateur ne pouvant pas achever son mandat

Mu gihe Umusenateri watowe yeguye, apfuye, avanywe ku murimo we w'ubusenateri n'icyemezo cy'urukiko, cyangwa agize indi mpamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze, Perezida wa Sena abimenyesha Komisiyo mu gihe kitarenze iminsi icumi (10). Iyo igihe cya manda gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe (1), harongerwa hakaba itora mu gihe kitarenze iminsi mironko icyenda (90) hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenga.

When an elected senator resigns, dies or is removed from office by a court's decision or in the event of any other circumstance which prevents a senator from completing his or her term of office, the President of the Senate informs the Commission within ten (10) days. Where the remaining term of office is equivalent to at least one (1) year, fresh elections are conducted within ninety (90) days in accordance with the provisions of this Organic Law.

Lorsqu'un sénateur démissionne, décède, ou est déchu de ses fonctions par une décision judiciaire ou est définitivement empêché de siéger, le Président du Sénat en informe la Commission dans un délai de dix (10) jours. Lorsque le mandat restant à courir est d'au moins un (1) an, il est procédé à de nouvelles élections dans les quatre-vingt-dix (90) jours suivant les dispositions de la présente loi organique.

UMUTWE WA IV: ITORA RYA REFERANDUMU

Ingingo ya 106: Ububasha bwo gukoresha referandumu

Ububasha bwo gukoresha itora rya referandumu, ni ubwa Perezida wa Repubulika. Itora rya referandumu rikoreshe gusa hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryavugururwe mu 2015.

Iteka rya Perezida rigena umunsi w'itora rya referandumu n'icyo referandumu igamije.

Ingingo ya 107: Uburyo referandumu ikorwa

Referandumu ikorwa mu buryo bwo kubaza abaturage bujije ibyangombwa byo gutora gutanga igisubizo ku kibazo cyabajijwe. Amabwiriza ya Komisiyo agena imiterere y'urupapuro rw'itora.

Ingingo ya 108: Uburyo icyemezo gifatwa

Icyemejwe n'abarenze kimwe cya kabiri (1/2) cy'abatoye ni cyo kiba cyemejwe kandi urwego rubifitiye ububasha rugishyira mu bikorwa.

CHAPTER IV: REFERENDUM

Article 106: Competence to call a referendum

The initiative to call a referendum lies within the ambit of the President of the Republic. The referendum is only conducted in cases provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015.

A Presidential Order determines the election day of referendum and its purpose.

Article 107: Referendum modalities

The referendum takes the form of a question asked to eligible voters and to provide responses regarding the question asked. Instructions of the Commission determine the format of the ballot paper.

Article 108: Approval mechanisms

The opinion expressed by more than a half (1/2) of voters prevails and is executed by the competent authorities.

CHAPITRE IV: REFERENDUM

Article 106: Initiative du référendum

L'initiative du référendum appartient au Président de la République. Le référendum n'a lieu que dans les cas prévus par la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.

Un arrêté présidentiel fixe le jour du scrutin du référendum et détermine son objet.

Article 107: Modalités d'organisation du référendum

Le référendum prend la forme d'une procédure visant à demander aux citoyens remplissant les conditions requises pour voter de répondre à une question posée. Les instructions de la Commission déterminent la forme du bulletin de vote.

Article 108: Prise de décision

L'opinion exprimée par plus de la moitié (1/2) des électeurs fait foi et l'autorité compétente procède à sa mise en application.

Ingingo ya 109: Gutangaza ibyavuye mu itora rya referandumu

Komisiyo itangaza by'agateganyo na burundu ibyavuye mu itora rya referandumu. Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu itora rya referandumu bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) rirangiye.

Gutangaza burundu ibyavuye mu itora rya referandumu bikorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) nyuma yo gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu itora.

Ingingo ya 110: Ikirego cyerekeye itora rya referandumu

Iyo habaye impaka zijyanye n'itora rya referandumu, Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rwemeza ku buryo budasubirwaho ibyavuye mu itora rya referandumu.

Ikirego cyerekeye itora rya referandumu gishyikirizwa Urukiko rw'Ikirenga hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga.

Article 109: Publication of the results of the referendum

The Commission publishes provisional and final results of the referendum. Provisional results of the referendum are published within five (5) days after the referendum.

The publication of the final results of the referendum occurs within seven (7) days after the provisional publication of electoral results.

Article 110: Referendum-related complaint

Where a dispute arises with respect to a vote of referendum, the Supreme Court irrevocably approves the conclusive results of the referendum.

A referendum-related complaint is filed with the Supreme Court in accordance the provisions of relevant laws.

Article 109: Proclamation des résultats du référendum

La Commission proclame les résultats provisoires et définitifs du référendum. Les résultats provisoires du référendum sont proclamés dans les cinq (5) jours après le référendum.

La proclamation des résultats définitifs du référendum se fait dans les sept (7) jours après la proclamation provisoire des résultats électoraux.

Article 110: Plainte relative au référendum

En cas de litige relatif à l'élection référendaire, il revient à la Cour Suprême d'approuver irrévocablement les résultats du référendum.

Une plainte relative au référendum est soumise à la Cour suprême conformément aux dispositions des lois en la matière.

**UMUTWE WA V: ITORA RYA
PEREZIDA WA REPUBULIKA,
ABAGIZE UMUTWE W'ABADEPITE
N'IRYA REFERANDUMU KU
BANYARWANDA BABA MU
MAHANGA**

**CHAPTER V: PRESIDENTIAL,
LEGISLATIVE AND REFERENDUM
ELECTIONS FOR RWANDANS
RESIDING ABROAD**

**CHAPITRE V: ÉLECTIONS
PRÉSIDENTIELLES, LÉGISLATIVES
ET RÉFÉRENDAIRES PAR LES
RWANDAIS RÉSIDANT À
L'ÉTRANGER**

**Ingingo ya 111: Imitegurire
n'imigendekere y'itora ku Banyarwanda
baba mu mahanga**

**Article 111: Organisation and conduct of
election for Rwandans residing abroad**

**Article 111: Organisation et déroulement
des élections pour les Rwandais vivant à
l'étranger**

Ingingo zerekeye imitegurire n'imigendekere y'itora rya Perezida wa Repubulika, iy'abagize Inteko Ishinga Amategeko n'iya referandumu ziteganywa n'iri tegeko ngenga zikoreshwa uko ziri no mu itora ku Banyarwanda baba mu mahanga.

Provisions pertaining to the organization and conduct of presidential, parliamentary and referendum elections provided for by this Law equally apply to elections for Rwandans residing abroad.

Les dispositions relatives à l'organisation et au déroulement des opérations de vote pour les élections présidentielles, législatives et référendaires prévus par la présente loi sont applicables aux élections pour les rwandais résidant à l'étranger.

**Ingingo ya 112: Iyoherezwa ry'ilisiti
ntakuka y'itora**

**Article 112: Transmission of the final
voters' register**

**Article 112: Transmission de la liste
électorale définitive**

Iyo ilisiti ntakuka y'itora imaze gukorwa, Ambasaderi ahita ayohereza Komisiyo hamwe n'inyandiko isoza iyandikwa ry'ilisiti y'itora hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bugenwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Upon the closure of the final voters' register, the Ambassador submits it immediately together with the closure statement to the Commission through the means of communication specified by the competent authority.

Dès la clôture de la liste électorale définitive, l'ambassadeur la transmet sans délai avec le procès-verbal de clôture à la Commission par le moyen de communication désignée par l'autorité compétente.

Ingingo ya 113: Umubare w'ibiro by'itora

Article 113: Number of polling stations

Article 113: Nombre de bureaux de vote

Muri buri Ambasade, haba ibiro bimwe by'itora. icyakora, hashobora gushyirwaho

There is one polling station at each Embassy. However, for facilitation purposes, supporting

Il y a un bureau de vote au siège de chaque ambassade. Toutefois, des bureaux secondaires

ibiro byunganira mu ifasi y'iyo Ambasade hagamije korohereza abatora. Icyo gihe, icyemezo gifatwa na Komisiyo ishingiyeye ku cyifuzo cya Ambasaderi.

polling stations may be opened in the area covered by the Embassy. In that case, the decision is taken by the Commission upon request of the Ambassador.

peuvent être ouverts dans le ressort de cette ambassade pour faciliter les électeurs. Dans ce cas, la décision est prise par la Commission sur proposition de l'ambassadeur.

Ingingo ya 114: Abagize ibiro by'itora

Article 114: Composition of the polling station

Article 114: Composition du bureau de vote

Ibiro by'itora bigizwe na Perezida n'abaseseri.

The polling station comprises of a chairperson and assessors.

Le bureau de vote est composé d'un président et des assesseurs.

Abagize ibiro by'itora ni bamwe mu batora bashyirwaho na Komisiyo ishingiyeye ku cyifuzo cya Ambasaderi.

Members of the polling station are appointed from among the voters by the Commission upon proposal of the Ambassador.

Les membres du bureau de vote sont nommés parmi les électeurs par la Commission sur proposition de l'ambassadeur.

Ingingo ya 115: Igenwa ry'abahagararira abakandida mu bikorwa by'itora

Article 115: Designation of candidates' representatives in voting operations

Article 115: Désignation des représentants des candidats dans les opérations électorales

Buri mukandida ashobora kugena umuhagararira muri za Ambasade kugira ngo akurikirane imigendekere y'ibikorwa by'itora.

Every candidate may appoint his or her representative at the Embassies to ensure the conduct of voting operations.

Chaque candidat peut désigner son mandataire pour s'assurer du déroulement des opérations électorales de vote dans les ambassades.

Ingingo ya 116: Iyoherezwa ry'inyandikomvugo isoza itora n'impapuro zabaruriweho amajwi

Article 116: Transmission of vote counting and closure of elections statements

Article 116: Transmission des procès-verbaux de dépouillement et de clôture des élections

Inyandikomvugo isoza itora n'impapuro zabaruriweho amajwi bigomba kohererezwa Komisiyo mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) itora rirangiye,

Election closure and votes counting statements are transmitted within forty-eight (48) hours to the Commission through the means of communication specified by the Commission.

Les procès-verbaux de clôture et de dépouillement sont transmis dans les quarante-huit (48) heures à la Commission par le moyen de communication désigné par la Commission.

hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho
bugenwa na Komisiyo.

**UMUTWE WA VI: ITORA
RY'ABAYOBOZI B'INZEGO
Z'IBANZE**

Icyiciro cya mbere: Ingingo zihuriweho

Ingingo ya 117: Ibisabwa abiyamamariza imyanya y'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'urw'Umurenge

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 21 y'iri tegeko ngenga, uwemerewe gutorwa ni Umunyarwanda wese uba cyangwa ufite ibikorwa mu Mudugudu, Akagari cyangwa Umurenge ashaka gutorerwamo, wujuje ibyangombwa bisabwa ku mwanza ashaka kwiyamamarizaho nk'uko biteganywa n'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 118: Imirimo itabangikanywa n'urw'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari n'urw'Umurenge

Abantu bakurikira ntibemerewe gutorerwa imyanya y'ubuyobozi ku Mudugudu, ku Kagari no ku Murenge:

**CHAPTER VI: ELECTION OF LEADERS
OF DECENTRALISED ENTITIES**

Section one: Common provisions

Article 117: Requirements to candidates for leadership positions at Village, Cell and Sector levels

Without prejudice to the provisions of Article 21 of this organic law, any Rwandan residing or operating in the Village, Cell or Sector within which he or she would carry out campaign and fulfilling the conditions required for the post he or she is campaigning for as provided for by this Organic Law is eligible.

Article 118: Functions incompatible with that of local leaders at Village, Cell and Sector levels

The following persons are not allowed to be elected as leaders at Village, Cell and Sector levels:

**CHAPITRE VI: ÉLECTION DES
AUTORITÉS DES ENTITÉS
DÉCENTRALISÉES**

Section première: Dispositions communes

Article 117: Conditions exigées aux candidats aux postes d'autorité au niveau du Village, de la Cellule et du Secteur

Sans préjudice des dispositions de l'article 21 de la présente loi organique, est éligible tout Rwandais résidant ou opérant dans le village, dans la cellule ou dans le secteur où il voudrait se présenter et remplissant les conditions requises pour le poste à pourvoir telles que prévues par la présente loi organique.

Article 118: Fonctions incompatibles avec celle des autorités au niveau du Village, de la Cellule et du Secteur

Les personnes suivantes ne sont pas permises d'être élus en qualité d'autorités au niveau du Village, de la Cellule et du Secteur:

1° umwunzi;	1° <i>umwunzi</i> ;	1° <i>umwunzi</i> ;
2° umwe mu bagize inzego zishinzwe kurinda Igihugu n’umutekano;	2° member of national defence and security organs;	2° membre des organes de défense et de sécurité nationale
3° umucamanza;	3° a judge;	3° juge;
4° umugenzacyaha;	4° investigator;	4° enquêteur ;
5° umushinjacyaha;	5° a prosecutor;	5° officier de poursuite judiciaire;
6° umuntu wese amategako yihariye atemerera kubangikanya imirimo ashaka gutorerwa.	6° any person prevented by special laws from holding other offices with the function for which he or she wishes to be elected.	6° toute personne empêchée par les lois particulières de cumuler des fonctions avec celle pour laquelle elle veut être élue.

Icyakora, uko kutemererwa gutorwa kuvaho iyo ushaka gutorwa asezeye ku murimo asanzwe ho, bikemerwa n’inzego zibifitiye ububasha.

Lorsque la personne ayant déposé la plainte n'est pas satisfaite de la décision prise par l'organe devant lequel la plainte a été déposée, elle peut porter son recours à l'organe supérieur de la Commission suivant la hiérarchie.

Urwego rwa Komisiyo rwatakambiwe rugomba kuba rwatanze igisubizo mu masaha atarenze mirongo ine n'umunani (48) uherye igihe rwashyikirijwe ikirego.

The level of the Commission that receives any appeal is required to have decided within forty-eight (48) hours from the reception of the petition.

L'organe de la Commission saisi doit avoir statué sur tout recours lui présenté dans les quarante-huit heures (48) suivant l'introduction du recours.

Ingingo ya 151: Kuregera urukiko rubifitiye ububasha

Article 151: Filing a petition with the competent court

Article 151: Saisine de la juridiction compétente

Iyo uwaregeye urwego rwa nyuma rwa Komisiyo atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe, afite uburenganzira, mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) icyemezo gifashwe, bwo kuregera urukiko rubifitiye ububasha nk'uko biteganywa n'amategeko.

A person who files a complaint at the last level of the Commission and who is not satisfied with the decision taken, is entitled, within twenty-four (24) hours to file a petition with the competent court, as provided for by the Law.

Conformément à la loi, la personne ayant déposé une plainte devant la dernière hiérarchie de la Commission et qui n'a pas été satisfaite des décisions prises par cet organe, a le droit de saisir la juridiction compétente dans les vingt-quatre (24) heures à partir du moment de la prise de ces décisions.

Urukiko rwagejejweho ikirego kijyanye n'itora, rugomba, mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), kuba rwaciye urubanza ku kirego rwakiriye.

The court with which any electoral petition has been filed must render its decision on the petition within forty-eight (48) hours.

La juridiction ayant été saisie d'une plainte relative aux élections, doit y statuer dans les quarante-huit (48) heures.

Ingingo ya 152: Imikirize y'impaka zijyanye n'itora

Article 152: Settlement of conflicts related to election

Article 152: Règlement des litiges relatifs aux élections

Urukiko rubifitiye ububasha rwagejejweho ikirego kijyanye n'imyiteguro y'itora rugomba kuba rwaburanishije urubanza mu ngingo zarwo zose no kurusoma mbere y'umunsi w'itora.

The competent court that received the petition related to organisation of the elections must have instituted the proceedings in all its legal arguments and to have pronounced the final verdict before the day of elections.

La juridiction compétente devant laquelle le recours sur l'organisation des élections a été introduit doit, avant le jour du scrutin, avoir jugé l'affaire sur le fond et rendu la décision.

Iyo ari ukuregera ibyavuye mu itora, urukiko rugomba kuburanisha urubanza no kurusoma mbere y'umunsi wo gutangaza burundu ibyavuye mu itora.

In case of contesting against the electoral results, the court must hear and determine the case before the day of announcement of the final electoral results.

Lorsque le recours porte sur les résultats des élections, la juridiction saisie doit juger l'affaire rendre son jugement avant la proclamation définitive des résultats électoraux.

UMUTWE WA VII: ITORA RY'ABAYOBOZI B'INAMA Z'IGIHUGU

CHAPTER VII: ELECTION OF NATIONAL COUNCILS AUTHORITIES

CHAPITRE VII: ÉLECTION DES AUTORITÉS DES CONSEILS NATIONAUX

Ingingo ya 153: Itora ry'abayobozi b'Inama z'Igihugu

Article 153: Election of National Councils authorities

Article 153: Élection des autorités des Conseils Nationaux

Itora ry'abayobozi b'Inama z'Igihugu ni itora ry'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, iry'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'iry'abagize Komite Nyobozi y'Inama

The election of National Councils authorities consists of the election of the members of the Executive Committees of National Women Council, National Youth Council and National

L'élection des autorités des Conseils Nationaux consiste en l'élection des membres des Comités Exécutifs du Conseil National des Femmes, du Conseil National de la Jeunesse et du Conseil

y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga, mu nzego z'imitegekere y'Igihugu.

Council of Persons with Disabilities at administrative entities of the country.

National des Personnes Handicapées aux entités administratives du pays.

Ingingo ya 154: Imigendekere y'amatora

Article 154: Conduct of elections

Article 154: Déroulement des élections

Abagize Komite Nyobozi ya buri Nama y'Igihugu, inzego z'imitegekere y'Igihugu batorerwaho, abagize inteko zitora, ibisabwa abakandida, n'uburyo amatora yabo akorwa bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Members of the Executive Committee of each National Council, the administrative entities of the country where they are elected, members of the electoral college, requirements for candidates, and the modalities for their elections are determined by an Order of the Prime Minister.

Les membres du Comité Exécutif de chaque Conseil National, l'entité administrative du pays au niveau de laquelle ils sont élus, les membres du collège électoral, les conditions requises aux candidats ainsi que les modalités de leurs élections sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga bagomba kuba ari abagore.

At least thirty percent (30%) of Executive Committee members of the National Youth Council and the National Council of Persons with Disabilities must be female.

Au moins trente pour cent (30%) des membres des Comités Exécutifs du Conseil National de la Jeunesse et du Conseil National des Personnes Handicapées doivent être de sexe féminin.

UMUTWE WA VIII: AMATORA YA KOMITE Y'ABUNZI

CHAPTER VIII: ELECTIONS OF ABUNZI COMMITTEE

CHAPITRE VIII: ÉLECTIONS DU COMITE D'ABUNZI

Ingingo ya 155: Itora ry'Abagize Komite y'Abunzi

Article 155: Election of Abunzi Committee members

Article 155: Élection des membres du Comité d'Abunzi

Itegeko rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi rigena kandi umubare w'abagize Komite z'Abunzi, inzego batorerwaho, abagize inteko zitora na manda yabo.

The Law determining organisation, jurisdiction, competence and functioning of an Abunzi committee determines the number of members of the Abunzi Committee, the organs where they are elected, the members of the electoral college and their mandate.

La loi déterminant l'organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité d'Abunzi détermine le nombre des membres du Comité d'Abunzi, les organes au niveau desquels ils sont élus, les membres du collège électoral et leur mandat.

Ingingo ya 156: Imigendekere y'amatora y'Abagize Komite y'Abunzi

Iteka rya Perezida rigena uburyo amatora y'Abagize Komite z'Abunzi akorwa.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'Abagize Komite y'Abunzi kuri buri rwego bagomba kuba ari abagore.

UMUTWE WA IX: IBIHANO KU BYAHA BYO GUHUNGABANYA IGIKORWA CY'AMATORA

Ingingo ya 157: Kwiandikisha ku ilisiti y'itora mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Aba akoze icyaha, umuntu wese:

1° wiyandikisha cyangwa ugerageza kwiandikisha ku ilisiti y'itora mu buryo bw'uburiganya cyangwa atanga umwirondoro utari wo;

2° uhisha cyangwa ugerageza guhisha impamvu imubuza gutora iteganywa n'itegeko ngenga rigenga amatora;

Article 156: Conduct of elections of Abunzi Committee members

A Presidential Order determines modalities for electing Abunzi Committee members.

At least thirty percent (30%) of Abunzi committee members must be female.

CHAPTER IX: PENALTIES TO OFFENCES WHICH DISRUPT ELECTORAL PROCESS

Article 157: Illegal registration on the voters' list

Commits an offence, any person who:

1° registers or attempts to register on the voters' register under fraudulent means or false identification;

2° conceals or attempts to conceal any reason which prevents him/ her from voting under the organic law governing elections;

Article 156: Déroulement des élections des membres du Comité Abunzi

Un arrêté présidentiel fixe les modalités d'élection des membres du Comité d'Abunzi.

Au moins trente pourcent (30%) des membres des Comités d'Abunzi doivent être de sexe féminin.

CHAPITRE IX: PEINES POUR LES INFRACTIONS EN RAPPORT AVEC LA PERTURBATION DU PROCESSUS ÉLECTORAL

Article 157: Inscription illégale sur la liste électorale

Commet une infraction toute personne qui:

1° se fait inscrire ou tente de se faire inscrire sur la liste électorale de façon frauduleuse ou sous une fausse identité;

2° dissimule ou tente de dissimuler une cause l'empêchant d'élire prévue par la loi organique régissant les élections;

3° usaba kwandikwa, wiyandikisha cyangwa ugerageza kwiwandikisha ku malisiti abiri cyangwa menshi;	3° requests to register, registers or attempts to register on two or more lists;	3° réclame ou obtient ou tente d'obtenir une inscription sur deux ou plusieurs listes électorales;
4° wandika cyangwa uvana umunyarwanda ku ilisiti y'itora mu buryo butemewe.	4° registers or causes to remove a Rwandan national from the voters list illegally.	4° fait inscrire ou radier de façon frauduleuse de la liste électorale un citoyen rwandais.
Umuntu ukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gica cya mbere cy'iyi ngingo, iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	Any person convicted of any of the acts referred to in Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) months and not more than six (6) months with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties	Toute personne qui est reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins trois(3) mois mais n'excédant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.
Iyo ibivugwa mu gace ka 4° byakozwe n'umukozi wa Komisiyo cyangwa n'undi wese wahawe inshingano na Komisiyo ahabwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'umyaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).	Where the act referred to under Item 4° is Committed by an Electoral Commission officer or any other person commissioned by the Commission, the author of such an act is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).	Lorsque les actes visés au point 4° sont posés par un agent de la Commission électorale ou toute autre personne mandatée par la Commission, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'au moins une (1) année mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 158: Gukoresha ibiranga Igihugu mu kwiyamamaza

Umuntu wese, mu gihe cyo kwiyamamaza mu itora iryo ari ryo ryose, ukoresha ibiranga Igihugu ku mafoto no ku nyandiko byamamaza abakandida, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).

Igihano kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni cyo gihanishwa umuntu wese ukoresha ibirango by'imitwe ya politiki mu matora aziguye y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'ibanze cyangwa uwiyamamaza mu izina ry'umutwe wa politiki.

Ingingo ya 159: Gutora kandi warambuwe uburenganzira

Umuntu wese wambuwe n'inkiko uburenganzira bwo gutora akabirengaho agatora aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'ukwezi kumwe (1) ariko kitarenze amezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana abiri

Article 158: Illegal use of national symbols in electoral campaign

Any person who uses, during campaigns in any election, national symbols on photos and written materials to campaign for any candidate commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000).

Any person who uses emblems of political organizations in indirect parliamentary and local administrative elections or who campaigns on behalf of a political organisation is liable to the penalty provided under Paragraph One of this Article.

Article 159: Voting after being deprived of the voting rights

Any person who is deprived of voting right by a court of law, who votes after deprivation of voting rights commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month and not more than two (2) months with a fine of not less than two hundred thousand Rwandan

Article 158: Utilisation illégale des symboles nationaux pendant la campagne électorale

Toute personne qui, pendant la campagne électorale et pour toute sorte d'élection utilise les symboles nationaux sur les photos et les écrits des candidats commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais ne dépassant pas deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW).

Toute personne qui utilise les emblèmes des formations politiques pour les élections législatives indirectes, pour les élections des autorités des entités administratives de base ou qui tient sa campagne au nom d'une formation politique est passible de la peine prévue à l'alinéa premier du présent article.

Article 159: Voter alors qu'on est déchu du droit de vote

Toute personne qui, déchu du droit de vote par une juridiction, vote postérieurement à sa déchéance, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) mois mais ne dépassant pas deux (2) mois et d'une amende d'au moins

(200.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

francs (FRW 200,000) and not more than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) or only one of these penalties.

deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais ne dépassant pas trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 160: Gukoresha uburiganya mu matora

Article 160: Use of electoral fraud

Article 160: Usage de la fraude électorale

Umuntu wese ukoresha mu buryo butari bwo umwirondoro w'utura wanditse ku ilisiti, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who fraudulently uses an identification of a voter registered on the voters' list commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of more than three (3) months and not more than six (6) months with a fine of more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

Toute personne qui utilise frauduleusement l'identité d'un électeur inscrit sur la liste électorale commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de trois (3) mois mais ne dépassant pas six (6) mois et d'une amende de plus de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo ni byo bihabwa umuntu wiyandikisha ku malisiti menshi agatora inshuro nyinshi.

The same penalties apply to a person who registers on several voters' lists and votes several times.

Les mêmes peines s'appliquent à la personne qui se fait inscrire sur plusieurs listes électorales et vote plusieurs fois.

Ingingo ya 161: Kwinjira mu cyumba cy'itora yitwaje intwaro

Article 161: An armed person entering a polling station

Article 161: Personne entrant dans un bureau de vote munie d'une arme

Uretse mu bihe biteganywa n'amategeko, umuntu wese usanzwe afite uburenganzira bwo gutwara intwaro winjira mu cyumba cy'itora ayifite, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu

Except in cases provided for by the law, any person holding a licence for arm carriage, who enters a polling station while armed, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than two hundred thousand

Sauf dans les cas prévus par la loi, toute personne en possession d'un permis de port d'arme, qui entre dans un bureau de vote munie d'une arme commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est

y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW).

Rwandan francs (FRW 200,000) and not more than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000).

passible d'une amende d'au moins deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais ne dépassant pas trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW).

Ingingo ya 162: Gutuma abantu batora uko batatekereje

Article 162: Influencing voters

Article 162: Influencer le choix des électeurs

Umuntu wese utanga inkuru z'impimbano, utukana cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose agatuma abantu batora uko batatekereje, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who communicates false information, insults or influences voters' choice in any way commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) months and not more than six months (6) with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

Toute personne qui, par fausses informations, insultes ou tout autre moyen, influence le choix des électeurs, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 163: Guhungabanya imigendekere myiza y'amatora

Article 163: Disrupting smooth conduct of elections

Article 163: Perturbation du bon déroulement des élections

Umuntu wese ukoresha udutsiko, urusaku cyangwa iterabwoba agamije guhungabanya imigendekere myiza y'amatora, ubangamira uburenganzira bwo gutora cyangwa ubwisanzure mu itora, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya

Any person who uses criminal groups, disturbance or acts of intimidation to disrupt the smooth conduct of election, infringes the right to vote or freedom in voting, commits an offence. When convicted, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years with a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two

Toute personne qui, par attroupement, clameurs ou actes d'intimidation dans l'intention de perturber le bon déroulement des élections, porte atteinte au droit ou à la liberté de vote, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs

miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.

rwandais (1.000.000 FRW) mais ne dépassant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 164: Kwinjira ku ngufu mu cyumba cy'itora

Article 164: Forceful entry into a voting room

Article 164: Entrée par force dans une salle de vote

Umuntu wese winjira cyangwa ugerageza kwinjira ku ngufu mu cyumba cy'itora, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsu y'iminsi umunani (8) ariko kitageze ku mezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsu y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi ijana (100.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who forcefully enters or attempts to enter a voting room commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less eight (8) days and not more than two (2) months with a fine of not less than fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) and not more than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) or only one of these penalties.

Toute personne qui entre ou tente d'entrer par force dans une salle de vote commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais inférieur à deux (2) mois et d'une amende de cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) mais ne dépassant pas cent mille francs rwandais (100.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byakozwe n'umuntu witwaje intwari, igihano kiba igifungo kitari munsu y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsu y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

When the acts under Paragraph One of this Article are committed by an armed person, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

Lorsque les actes visés au premier alinéa de cet article sont commis par une personne munie d'une arme, l'auteur est puni d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais ne dépassant pas un (1) an et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou l'une de ces peines seulement.

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo gitumye itora ripfa, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe

If the offence under Paragraphs One and 2 of this Article leads to the failure of election, the offender is liable to imprisonment for a term of

Lorsque l'infraction prévue aux alinéas premier et 2 du présent article empêche la tenue du scrutin, l'auteur est passible d'un

(1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

more than one (1) year and not more than two (2) years with a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

emprisonnement de plus d'un (1) an mais ne dépassant deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo gikozwe biturutse ku mugambi wumvikanyweho, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

If the offence under Paragraphs One and 2 of this Article is committed following a concerted plan, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

Lorsque l'infraction prévue aux alinéas premier et 2 du présent article est commise suite à un plan concerté, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais ne dépassant pas cinq (5) ans.

Ingingo ya 165: Kwitwara nabi k'uri mu nteko itora hagamijwe kwica itora

Article 165: Misconduct of a member of electoral college aimed at disrupting electoral operation

Article 165: Méconduite d'un membre du collège électoral en vue de perturber l'opération électorale

Umuntu wese uri mu bagize inteko itora mu gihe cy'ibikorwa by'itora, ugaragayeho gutesha agaciro cyangwa kugirira nabi umwe cyangwa benshi mu batwara cyangwa se ukoresha iterabwoba, ugerageza kuburizamo ibikorwa by'itora, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who is a member of the electoral college during elections found responsible for causing dishonour or acting with malice towards one or more members of the polling committee or who, using acts of intimidation, attempts to frustrate electoral operations, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of more than six (6) months and not more than one (1) year with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

Tout membre du collège électoral qui, pendant la durée des opérations électorales, se rend coupable d'outrages ou de violences envers un ou plusieurs membres du bureau de vote ou qui, par menaces, tente de faire échouer les opérations électorales, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de plus de six (6) mois mais ne dépassant pas un (1) an et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo ibyaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bitumye itora riburizwamo, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano

If the offences under Paragraph One of this Article cause the cancellation of elections, the offender is liable to imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years with a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

Lorsque les infractions visées à l'alinéa premier du présent article font échouer les opérations électorales, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus d'un (1) an mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 166: Kwiba agasanduku karimo amajwi y'itora n'izindi nyandiko zirebana n'amatora

Article 166: Stealing a ballot box with ballot papers and other election-related documents

Article 166: Vol d'urne contenant des suffrages et de tous autres documents relatifs aux élections

Umuntu wese wiba agasanduku k'itora karimo amajwi atarabarurwa cyangwa yabarurwe mbere y'uko atangazwa burundu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who steals a ballot box with uncounted ballot papers or which are counted but not yet declared final commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years with a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

Toute personne qui vole l'urne contenant les suffrages non encore dépouillés ou dépouillés mais avant leur publication définitive, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement de plus d'un (1) an mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni na byo bihabwa umuntu wese wibye inyandikomvugo cyangwa izindi nyandiko zigaragaza ibyavuye mu itora.

The penalties under Paragraph One of this Article also apply to any person who steals statements or other documents indicating election results.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à toute personne qui vole les procès-verbaux ou

d'autres documents constatant les résultats du scrutin.

Iyo kwiba agasanduku, inyandikomvugo cyangwa izindi nyandiko zigaragaza ibyavuye mu itora bikoze byarateguwe n'agatsiko k'abantu cyangwa hakoreshejwe imbaraga, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

If the stealing of the ballot box, statements or other documents indicating election results is done following a plan by a group of persons or by use of force, the offender is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than ten (10) years.

Si le vol de l'urne, des procès-verbaux ou d'autres documents constatant les résultats du scrutin est planifié et effectué par un groupe de personnes ou par usage de la force, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais ne dépassant pas dix (10) ans.

Ingingo ya 167: Kwica amatora bikoze n'abatoresha cyangwa abakozi bashinzwe kurinda impapuro z'itora

Article 167: Violation of electoral process by polling officers or those charged with safety of ballot papers

Article 167: Violation du scrutin par les agents chargés du scrutin ou les personnes chargées de la garde des bulletins de vote

Umuntu wese wica itora, ari mu batoresha cyangwa mu bashinzwe kurinda impapuro z'itora zitari zabarurwa cyangwa mbere yo gutangaza burundu ibyavuye mu itora, abakoze icyaha.

Any person, member of the polling committee or officer in charge of protecting uncounted ballot papers or before definitive publication of election results, who violates the voting process commits an offence.

Toute personne, membre du bureau de vote ou agent chargé de la garde des bulletins non encore dépouillés ou avant la publication définitive des résultats du scrutin, qui viole le scrutin, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than ten (10) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais ne dépassant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 168: Kwitwara nabi mu gikorwa cyo kwiyamamaza

Umuntu wese umanika amafoto, inyandiko cyangwa ukorera inama ahatabigenewe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW).

Umuntu wese ukora kimwe mu bikorwa biteganywa mu ngingo ya 29 y'iri tegeko ngenga aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 169: Guhindura ibyavuye mu itora, kwica ukuri kw'itora no kuburizamo ibikorwa by'itora

Umuntu wese, mbere y'itora, mu gihe rikorwa cyangwa nyuma yaryo, ukoreshe igikorwa cy'uburiganya hakoreshejwe uburyo ubwo aribwo bwose, uhindura

Article 168: Misconduct in electoral campaign

Any person who displays photos, documents or conducts a meeting in unauthorised place commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000).

Any person who commits any of the acts provided for under Article 29 of this Organic Law commits an offence. Upon conviction by the court, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years with a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.

Article 169: Altering election results, violating the truth of elections and impeding voting operations

Any person who, before, during or after voting, commits a fraudulent act by any means, alters or attempts to alter electoral results, violates or attempts to violate the truth of elections,

Article 168: Méconduite pendant la campagne électorale

Toute personne qui affiche des photos, des documents ou organise une réunion dans un lieu non autorisé commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais ne dépassant pas trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW).

Toute personne qui commet l'un des actes prévus à l'article 29 de la présente Loi organique commet une infraction. Si elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais ne dépassant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Article 169: Falsification des résultats du scrutin, violation de l'exactitude des élections et empêchement des opérations de vote

Toute personne qui, avant, pendant ou après le scrutin, fait un acte frauduleux par n'importe quel moyen, change ou tente de changer les résultats du scrutin, viole ou tente

cyangwa ugerageza guhindura ibyavuye mu itora, wica cyangwa ugerageza kwica ukuri kw'itora, uburizamo cyangwa ugerageza kuburizamo ibikorwa by'itora, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 170: Kwamburwa uburenganzira bwo gutora

Umuntu ukoze kimwe mu byaha biteganyijwe muri uyu mutwe gihanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5), urukiko rushobora kumwambura uburenganzira bwo gutora mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo uwakoze icyaha ari umukozi wa Komisiyo, umukozi woherejwe na Leta cyangwa se uhagarariye umutwe wa politiki, igihe cyo kwamburwa uburenganzira bwo gutora gishobora kugera ku myaka icumi (10).

impedes or attempts to impede voting operations, commits an offence. Upon conviction by the court, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years with a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.

Article 170: Deprivation of the voting right

The court may order the deprivation of the voting right for a period not exceeding five (5) years against a person who commits any of the offences under this Chapter, which is punishable with imprisonment for a term of more than five (5) years.

If the offender is an employee of the Commission, a person assigned to represent the Government or a representative of a political organisation, the court may deprive him or her of the voting right for a period up to ten (10) years.

de violer la vérité du vote, empêche ou tente d'empêcher les opérations du scrutin, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais ne dépassant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais ne dépassant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Article 170: Privation du droit de vote

La juridiction peut prononcer la privation du droit de vote pendant une durée n'excédant pas cinq (5) ans contre une personne qui commet l'une quelconque des infractions visées sous le présent chapitre qui est punissable d'une peine d'emprisonnement dépassant cinq (5) ans.

Si l'auteur est un agent de la Commission ou un agent mandaté par l'État ou par une formation politique, la juridiction peut lui retirer le droit de vote pour une durée pouvant aller jusqu'à dix (10) ans.

**UMUTWE WA X: INGINGO
Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**CHAPTER X: TRANSITIONAL AND
FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS
TRANSITOIRES ET FINALES**

**Ingingo ya 171: Amateka asanzwe
akurikizwa**

Article 171: Orders in force

Article 171: Arrêtés en vigueur

Mu gihe hatarashyirwaho amateka ateganywa n'iri Tegeko Ngenga, amateka yashyiraga mu bikorwa Itegeko Ngenga n° 004/2018.OL ryo ku wa 21/06/2018 rigenga amatora akomeza gukurikizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranyije n'iri tegeko ngenga.

While waiting for the establishment of orders provided for in this Organic Law, orders implementing Organic Law n° 004/2018.OL of 21/06/2018 relating to elections remain in force in all their provisions which are not contrary with this Organic Law.

En attendant la mise en place des arrêtés prévus par la présente Loi Organique, les arrêtés d'application de la Loi Organique n° 004/2018.OL du 21/06/2018 relative aux élections demeurent applicables en toutes leurs dispositions qui ne sont pas contraires à la présente loi organique.

**Ingingo ya 172: Itegurwa, isuzumwa
n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

**Article 172: Drafting, consideration and
adoption of this Organic Law**

**Article 172: Initiation, examen et adoption
de la présente loi organique**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 173: Ivanwaho ry'Amategeko
Ngenga n'ingingo z'amategeko
zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Article 173: Repealing provision

Article 173: Disposition abrogatoire

Itegeko Ngenga n° 001/2018.OL ryo ku wa 25/03/2018 rigenga amatora, Itegeko Ngenga n° 004/2018.OL ryo ku wa 21/06/2018 rigenga amatora, n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri Tegeko Ngenga kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Organic Law n° 001/2018.OL of 25/03/2018 relating to elections and Organic Law n° 004/2018.OL of 21/06/2018 relating to elections as well as all prior legal provisions contrary to this Organic Law are repealed.

La Loi Organique n° 001/2018.OL du 25/03/2018 relative aux élections, la Loi Organique n° 004/2018.OL du 21/06/2018 relative aux élections ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente Loi Organique sont abrogées.

Ingingo ya 174: Igihe iri Tegeko Ngenga ritangira gukurikizwa

Iri Tegeko Ngenga ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 29/07/2019

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango
cya Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Article 174: Commencement

This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/07/2019

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 174: Entrée en vigueur

La présente Loi Organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/07/2019

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux